Polisi y'u Rwanda
UMUTEKANO
N° 33 NYAKANGA 2016

Ishuri rikuru rya Polisi y'u Rwanda ryateguye ku nshuro ya 3 ibiganiro ku kurwanya ibyaha

TELEFONE ZA POLISI WAHAMAGARAHO USHAKA UBUTABAZI CYANGWA GUTANGA AMAKURU

Mu rwego rwo gukomeza kunoza imikoranire yayo n'Abaturage hagamijwe kubumbatira umutekano w'abantu n'ibyo batunze, Polisi y'u Rwanda yongeye kwibutsa Abaturarwanda imirongo ya terefoni itishyura ndetse n'indi ikoreshwa n'inzego zayo mu Gihugu cyose bahamagaraho, baba batanga amakuru, basobanuza cyangwa bifuza gutabarwa bashobora kohereza ubutumwa bwabo bwanditse aha hakurikira:

IMITWE YA POLISI IKORA IMIRIMO YIHARIYE (SPECIALIZED SERVICES)

Ubutabazi rusange:	112
Inkongi y'umuriro:	111
Impanuka zo mu muhanda:	113
Ibibazo byavuka mu biyaga n'imigezi :	110
Uburenganzira bw'umwana:	116
Ihohoterwa rishingiye ku gitsina:	3512
Isange One Stop Centre:	3029
Ibibazo bifitanye isano na ruswa:	997
Ibirego biregwa umupolisi:	3511

Imikoranire n'inzego zitandukanye (PublicRelations):	0788311550 0788311155
Umutekano wo mu muhanda:	0788311110
Ubugenzacyaha:	0788311209
Ibikorwa bya Polisi (Operations):	0788311201
Polisi Mpuzamahanga (Interpol):	0788311107
Ubufatanye n'izindi nzego (International Cooperation):	0788311133
Umutekano w'ibibuga by'indege:	0788311139

ABAYOBOZI BA POLISI MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI

Amajyaruguru:	0788311151
Uburengerazuba:	0788311118
Uburasirazuba:	0788311142
Amajyepfo:	0788311138
Umujyi wa Kigali:	0788311128

ABAVUGIZI BA POLISI

Uburengerazuba:	0788311696
Uburasirazuba:	0788311774
Umujyi wa Kigali:	0788311829
Amajyaruguru:	0788311828
Amajyepfo:	0788311818
Umutekano wo mu muhanda:	0788311502

USHAKA KUNYUZA UBUTUMWA MU NYANDIKO

Agasanduku k'iposita (P.O.Box): 6304 Kigali

Website: www.police.gov.rw

E-mail: info@police.gov.rw

Twitter: @Rwandapolice

ISHAKIRO

5 Minisitiri Harerimana yasabye urubyiruko rw'abakorerabushake mu kwicungira umutekano kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu

7 Icyiciro cya 4 cy'abapolisi bakuru bigaga iby'ubuyobozi cyasoje amasomo

8 Intumwa y'Umuryango 'abibumbye yaje mu Rwanda kureba aho myiteguro y'apolisikazi bazajya mu butumwa bw'amahoro igeze

14 Abatanzaniya baje kwigira kuri Polisi y'u Rwanda ku kurengera no kwita ku bidukikije

21 965 barangije amasomo y'ibanze ya gipolisi

22 IGP Gasana, Mukaruliza, n'abandi bayobozi mu muhango wo gutangiza icyumweru cyahariwe ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda

23 Polisi y'u Rwanda irakangurira urubyiruko kugira uruhare mu kurwanya ibyaha

24 CP Munyambo yashimye abapolisi bari mu butumwa bw'amahoro kubera imyitwarire myiza

27 Amahugurwa afite ireme ni inkingi ya mwamba y'imikorere myiza y'urwego rw'umutekano - IGP Gasana

30 Police Handball Club yegukanye igikombe cyo kwibuka ku nshuro ya kabiri

Abagize ubwanditsi bw' ikinyamakuru

Ubuyobozi Bukuru
Polisi y'u Rwanda

Inama y'Ubwanditsi
ACP Damas Gatare
ACP Theos Badege
ACP Celestin Twahirwa

Umwanditsi mukuru
ACP Celestin Twahirwa

Umunyamabanga w'Ubwanditsi
IP JMV Nzayisenga

Abanyamakuru
IP Francois Mugabo
IP JMV Nzayisenga
Kamana Laurent

Photographer
AIPJackson Umunezero
CPL Tunezerwe Aimable
PC Ndahiro Rigobert
PC Nzirorera JMV

Graphic Designer
Babirye Joy

Copyright 2016
Polisi y'u Rwanda

Ijambo ry'ibanze

Polisi y'u Rwanda yizihije isabukuru y'imyaka 16

Abashyitsi barimo abo mu nzego za Leta n'Imiryango itegamiye kuri Leta, Ambasaderi ba Polisi y'u Rwanda mu kubungabunga umutekano, n'Urubyiruko Nyarwanda rw'abakorerabushake mu kubungabunga umutekano bifatanyije na Polisi y'u Rwanda ku itariki ya 16 Kamena kwizihiza isabukuru yayo y'imyaka 16.

Ibirori byo kuyizihiza byahuriranye no gusoza icyumweru cyahariwe ibikorwa byayo (Police Week) cyakozwemo ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya ibyaha birimo ihohoterwa rikorerwa abana.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye uwo muhango, Minisitiri w'Umutekano mu gihugu Sheikh Musa Fazil Harerimana yashimiye Polisi y'u Rwanda ibyo ikora byose mu kubungabunga umutekano w'abaturage n'ibyabo.

Yagaragaje akamaro umutekano ufite mu iterambere ry'igihugu, aho yavuze ko ibyo u Rwanda rumaze kugeraho mu iterambere rubikesha abaturage barwo bakora uko bashoboye kugira ngo igihugu kigire umutekano usesuye.

Minisitiri Harerimana yihanangirije uwo ari we wese ubona uburenganzira bw'umwana butubahirizwa akicecekera ntabimenyeshe inzego zibishinzwe, avuga ko icyo ari icyaha gihanwa n'amategeko.

Yagize ati:"Abana barahohoterwa mu buryo butandukanye. Tugomba gukora ibishoboka byose bigahagarara."

Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda, IGP Emmanuel K. Gasana yagarutse ku cyerekezo cy'igihugu, akaba yaribanze ku byo Polisi y'u Rwanda imaze kugeraho mu myaka 16.

IGP Gasana yagize ati:"Ibyo tumaze kugeraho ni umusaruro w'ubufatanye hagati y'inzego zirimo iza Leta, izigenga ndetse n'abaturage."

Minisitiri Harerimana yasabye urubyiruko rw'abakorerabushake mu kwicungira umutekano kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu

Minisitiri w'umutekano mu gihugu Sheikh Musa Fazil Harerimana yasabye Icyiciro cya 4 cy'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira ibyaha gutera intamwe barenga kuba amaso n'amatwi by'abanyarwanda bakanagira uruhare muri gahunda y' iterambere ry'igihugu.

Ibi yabivuze ku itariki 2 Nyakanga mu muhango wo gusoza icyiciro cya kane cy'urubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira ibyaha cyaberaga mu ishuri rikuru rya Polisi (NPC) riri mu karere ka Musanze, kikaba cyari cyaritabiriwe n'abakorerabushake 395 bavuye mu turere twose tw'igihugu, 120 muri bo bakaba ari igitsinagore.

Minisitiri Harerimana yashimiye uru rubyiruko kuba rwarahisemo kuba abakorerabushake agira ati: "Mwahisemo neza kandi mu gihe nyacyo, mwe mwihaye inshingano yo kugira uruhare mu gutuma igihugu cyanyu kigira umutekano ariko ntibigomba guhagararira aho, nk'abandi banyarwanda mugomba kugira uruhare muri gahunda z' iterambere ry'igihugu."

Yasabye urwo rubyiruko gutekereza kure, ku buryo ibyemezo bafata bibagirira akamaro bo ubwabo n'igihugu muri rusange, aho yagize ati: "Turashaka kugira igihugu cy'icyitegererezo, kandi kubigeraho ni uko tugomba gukora cyane kandi tugakorera hamwe."

Aya mahugurwa ahabwa uru rubyiruko rw'abakorerabushake yatanzwe na Polisi y'u Rwanda ku bufatanye n'Itorero ry'igihugu, akaba ari mu rwego rw'amasezerano y'ubufatanye yashyizweho umukono hagati y'uru rubyiruko na Polisi y'u Rwanda.

Nyuma y'ayo mahugurwa, abayitabiriye bavuze ko ubu bagize imyumvire imwe k'uko umutekano wifashe n'uruhare rwabo mu kuwusigasira.

Umwe mu barangije amahugurwa witwa Nyiraneza Beatha yavuze ku buryo burambuye amasomo bahawe, harimo uruhare rwabo mu kurwanya ibyaha birimo ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana, ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge, icuruzwa ry'abantu n'ibindi.

Yagize ati: "Twihaye intego zo gukoresha imbuga nkoranyambaga nk'igikoresho cyatuma dukomeza kwerekana neza isura nziza y'igihugu cyacu kandi tugahanga udushya igihe cyose."

Aya mahugurwa aje nyuma y'amezi 3 uru rubyiruko rw'abakorerabushake mu gukumira ibyaha rwihaye intego ko mu mwaka utaha abanyamuryango bazaba bageze kuri miliyoni bavuye ku bihumbi 20 bafite ubu.

Abapolisi b'u Rwanda bari mu butumwa bw'amahoro muri Darfur bambitswe imidari

Ku itariki 4 Ukwakira, abapolisi b'u Rwanda 33 bari mu butumwa bw'amahoro muri Darfur (UNAMID) mu gihugu cya Sudani bambitswe imidari y'ishimwe nk'ikimenyetso cy'uko bakora akazi kabo neza ko kugarura no kubungabunga amahoro muri iki guhugu.

Kwambikwa imidari kwabo byahuriranye no kwizihiza Umunsi Mukuru wo kwibohora wizihijwe ku nshuro ya 22.

Mu ijambo rye, Intumwa yihariye y'Umuryango w'Abibumbye muri uyu muhango Martin Ihoeghian Uhomoibhi yagize at: "Guhera ubu, abambitswe imidari bagizwe abahagarariye amahoro ku isi hose. Umuhati wanyu mu kugarura amahoro muri Darfur uzahora wibukwa."

Yakomeje avuga ko umutekano abatuye muri Darfur bafite uyu munsi bawukesha ubwitange bw'abambitswe imidari, kandi yongeraho ko baranzwe n'imikorere myiza kuva batamgiye izi nshingano. Uhomoibhi yunamiye ababuriye ubuzima

mu bikorwa byo kugarura amahoro muri Sudani, ibi akaba yarabikoze mu rwego rwo kubaha icyubahiro.

Yashimye imiryango y'abambitswe imidari, ndetse n'u Rwanda muri rusange agira ati: "Mwagize uruhare rukomeye mu kugarura amahoro muri Sudani. Umuryango w'Abibumbye uzahora uzirikana ibikorwa byanyu." Na none muri icyo gikorwa, abasirikare b'u Rwanda ba batayo ya 47 bari muri ubu butumwa bw'amahoro na bo bambitswe imidari y'ishimwe.

Uyu muhango witabiriwe kandi n'Umuyobozi wa UNAMID Lt. Gen Frank Mushyo Kamanzi, Police Commissioner Madam Presilla Makotse, n'abandi banyacyubahiro batandukanye bafite inshingano zinyuranye muri ubu butumwa bw'amahoro.

ACP Mbonyumuvunyi yasabye abikorera kuba abafatanyabikorwa mu kurwanya ruswa

Umuyobozi w'ishami rishinzwe ubugenzuzi bw'umurimo n'imyitwarire ngengamikorere muri Polisi y'u Rwanda (Commissioner for Inspection of Services and Ethics) , Assistant Commissioner of Police (ACP) Jean Nepo Mbonyumuvunyi yasabye abikorera kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, kandi bakagira uruhare mu kubirwanya.

Ubu butumwa yabutanze ku itariki ya 1 Kamena mu kiganiro yahaye abikorera n'abayobozi b'inzego z'ibanze bo mu karere ka Gasabo, akaba yarabubahereye mu nama we n'ubuyobozi bw'aka karere bagiranye na bo kuri uwo munsi.

Ubuyobozi bw'aka karere ni bwo bwateguwe iyi nama, hanyuma busaba Polisi y'u Rwanda guha ikiganiro abo bayobozi b'inzego z'ibanze n'abikorera

Abitabiriye iyo nama bagera kuri 400 bahuguriwe mu kagari ka Nyabisindu, ho mu murenge wa Remera.

Mu ijambo rye, ACP Mbonyumuvunyi yagize ati: "Kimwe n'ibindi byaha, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ntibyihanganirwa na gato mu Rwanda. Si byinshi mu gihugu cyacu, ariko niyo yaba umuntu umwe wayatse cyangwa

wayakiriye; bigira ingaruka mbi ku bukungu. Ni yo mpamvu buri wese agomba kuyirinda kandi agatanga amakuru y'abantu babikora."

Yakomeje avuga ko imikoranire myiza ndetse n'ubufatanye hagati ya Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego byatumye imibare y'abakora iki cyaha igabanyuka, maze asaba abikorera kwirinda ruswa mu bikorwa byabo by'ishoramari, kandi bagatanga amakuru ajyanye na yo.

ACP Mbonyumuvunyi yongeyeho ko kugabanyuka kw'ibyaha bya ruswa kwatewe kandi n'ingamba zafashwe na Polisi y'u Rwanda ndetse n'izindi nzego, hakiyongeraho ibihano bikomeye bihabwa abakoze iki cyaha.

Yabwiye abo yahaye ikiganiro ko mu ngamba Polisi y'u Rwanda yafashe mu rwego rwo kurwanya ruswa harimo kuba yarashyizeho ishami rishinzwe kuyirwanya (Anti-corruption Unit), ishami rishinzwe ubugenzuzi bw'umurimo n'imyitwarire ngengamikorere (Inspection of Services and Ethics), n'ishami rishinzwe imyitwarire y'abapolisi (Police Disciplinary Unit).

Icyiciro cya 4 cy'abapolisi bakuru bigaga iby'ubuyobozi cyasoje amasomo

Abofisiye bakuru ba Polisi 31 baturuka mu bihugu icumi byo muri Afurika, ku itariki 2 Nyakanga basoje amasomo bari bamaze umwaka bigira mu Ishuri Rikuru rya Polisi y'u Rwanda (National Police College-NPC), ajyanye n'ubuyobozi bwabo bashinzwe ndetse n'indi mirimo ifitanye isano n'inshingano zabo (Senior Command and Staff Course). Ibihugu aba bofisiye bakomokamo ni Uburundi, Etiyopiya, Gambiya, Kenya, Namibiya, Sudani y'Amajyepfo, Tanzaniya, Uganda, Zambiya, n'u Rwanda.

Amasomo bize yibanze ahanini ku gufata ibyemezo nka bamwe mu bayobozi bakuru b'uru rwego rw'umutekano n'imicungire myiza y'abo bashinzwe, bakaba kandi barahawe impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu bijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro no gukemura amakimbirane ku bufatanye bw'ikigo cya Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye gishinzwe gukemura amakimbirane.

Minisitiri w'Umutekano mu gihugu, Sheikh Musa Fazil Harelimana, ni we wasoje ku mugaragaro aya masomo akaba yanabahaye impamyabumenyi zigaragaza ko bize kandi basoje ayo masomo.

Mu ijambo rye, Minisitiri Harelimana yagize ati: "Iyi n'indi ntambwe kandi n'ikimenyetso cyerekana ukuntu Polisi y'u Rwanda ishyira mu bikorwa intego n'inshingano byayo aribyo: kubungabunga umutekano w'abaturarwanda n'ibyabo kandi babigizemo uruhare no kongerera ubumenyi abapolisi mu ngeri zose".

Yongeyeho kandi ati: "Ubunyamwuga no gukora neza kandi mu mucyo, bituma iterambere ryihuta kuko abaturage baba bahabwa serivisi nziza. Ndahamnya ndashidikanya ko ubumenyi mwungutse buzabafasha gusohoza inshingano zanyu neza ku neza y'abaturage b'ibihugu byanyu, abo muri aka karere, ndetse n'abo kuri uyu mugabane". Yanavuze ko gusangira ubunararibonye no kwigira hamwe kw'abapolisi, ari inkingi ya mwamba mu gufatanya kubumbatira umutekano muri Afurika. Yasoje asaba abo bofisiye bakuru ba Polisi basoje amasomo gukomeza ubufatanye no guhanahana amakuru no gusangira ubunararibonye byabaranze kuva batangiye amasomo kugeza bayasoje.

Umuyobozi w'iri shuri, Commissioner of Police (CP) Felix Namuhoranye wavuze mu magambo arambuye uko amasomo yagenze yashimiye abanyeshuri kubera ikinyabupfura n'imibanire myiza byabaranze mu gihe cy'amasomo. Yagize ati: "Ndizera ntashidikanya ko ubumenyi babonye butazabagirira akamaro bonyine ahubwo buzakagirira n'ibihugu byabo n'umugabane wacu muri rusange." Yakomeje avuga ati:"Nk'ishuri,twizera ko gusangira ubunararibonye n'ubumenyi hagati y'abapolisi bo mu bihugu byo ku mugabane wa Afurika bizatuma turushaho kubungabunga umutekano mu bihigu byacu kandi bizatuma dukomeza kugira uruhare mu kuwugarura no kuwubungabunga ahandi ku Isi." Yagize kandi ati:"Ubufatanye hagati y'ibihugu no gusangira ubunararibonye birakenewe kugira ngo dusigasire umutekano mu bihugu byacu , akaba ariyo mpamvu y'aya masomo agamije kongerera ubumenyi abapolisi bakuru bo mu bihugu byo muri aka karere bubashoboza gusohoza inshingano zabo neza."

Uyu muhango wo gusoza ku mugaragaro aya masomo witabiriwe n'abanyacyubahiro bavuye mu bihugu bitandukanye barimo abayobozi mu nzego nkuru za Leta y'u Rwanda, aba Polisi n'ingabo.

Muri abo bashyitsi harimo umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda(IGP) Emmanuel K. Gasana, umuyobozi w'ishuri rikuru rya gisirikare Maj. Gen Jean-Bosco Kazura, uwari uhagarariye umuyobozi mukuru wa Polisi ya Sudani y'Epfo Lt Gen Abraham Peter Manyuat, abarimu ba Kaminuza y'u Rwanda ari nabo bahaye amasomo aba barangije Muri uwo muhango Minisitiri Harerimana yahembye abanyeshuri bane mu basoje ayo masomo babaye aba mbere mu bice bitandukanye barimo SACP Godfrey Mwanza wo muri Zambia, Assistant Commissioner of Police (ACP) Bosco Rangira wo mu Rwanda ACP Suzan Kaganda wo muri Tanzaniya na Assistant Commissioner of Police (ACP) Rafiki Mujiji wo mu Rwanda ari na we wagize amanota ya mbere.

> ***"Iyi n'indi ntambwe kandi n'ikimenyetso cyerekana ukuntu Polisi y'u Rwanda ishyira mu bikorwa intego n'inshingano byayo aribyo: kubungabunga umutekano w'abaturarwanda n'ibyabo kandi babigizemo uruhare no kongerera ubumenyi abapolisi mu ngeri zose"***

Intumwa y'Umuryango w'abibumbye yaje mu Rwanda kureba aho imyiteguro y'apolisikazi bazajya mu butumwa bw'amahoro igeze

Umuyobozi ushinzwe gutoranya abapolisi bajya mu butumwa bw'amahoro mu ishami rishinzwe ibikorwa byo kubungabunga amahoro mu Muryango w'abibumbye Ata Yenigun, yaje mu Rwanda ku butumire bwa Polisi y'u Rwanda, aho yaje kwirebera aho imyiteguro y'itsinda (FPU) rigizwe n'abapolisi b'abanyarwandakazi ryitegura kujya mu butumwa bw'amahoro igeze.

Yenigun yanagiranye ibiganiro n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda IGP Emmanuel K. Gasana ku wa 29 Kamena.

Aba bapolisi 140 b'abanyarwandakazi yasuye bari bemewe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame ubwo yari mu nama y'abayobozi b'Umuryango w'abibumbye yavugaga ku bikorwa byo kubungabunga amahoro ku isi muri Nzeri , umwaka ushize.

Nyuma y'uko kwiyemeza k'Umukuru w'igihugu, Polisi y'u Rwanda na yo yahise itangira imyiteguro yo kuzohereza abo bapolisikazi.

Yenigun yagize ati: "Intego y'urugendo rwanjye ni uguha imirongo ngenderwaho abayobozi b'u Rwanda ku buryo iri tsinda rizakoreshwa neza kandi rikitegura neza, kandi nkizera ko mu mpera z'uyu mwaka cyangwa mu ntangiriro z'utaha rizoherezwa aho rizajya gukorera kandi rikazakora akazi karyo neza."

Yongeyeho ati: "Polisi y'u Rwanda yateye imbere mu bihugu byohereza abapolisi bubahiriza umutekano ku isi, ku buryo ubu ruri ku mwanya wa 4 mu bihugu 100 bibohereza…u Rwanda ni intangarugero mu buyobozi, aho bubahiriza amahoro ndetse no ku cyicaro gikuru cy'Umuryango w'abibumbye."

Yakomeje avuga ko hari ibintu yabonye abapolisi b'u Rwanda bihariye birimo gukoresha indimi ibyiri; icyongereza n'igifaransa, ubunararibonye mu bikorwa bimwe na bimwe, ndetse n'ubumenyi buhagije mu gushinga Polisi z'ibihugu bivuye mu makimbirane.

Yenigun yavuze ati: "U Rwanda ni icyitegererezo mu kohereza abapolisikazi mu butumwa bw'amahoro ku buryo ubu ruyoboye ibindi bihugu mu kohereza benshi aho rwiharira 16%. Tunishimira ko mu buyobozi bwacu dufitemo abayobozi bashinzwe kuyobora za Polisi zibungabunga amahoro mu bihugu bya Cote d'Ivoire na Sudan y'Epfo b'abanyarwanda."

Abo bayobozi b'abanyarwanda ni Commissioner of Police (CP) Vianney Nshimiyimana wagizwe Umuyobozi w'ibikorwa bya Polisi muri Côte d'Ivoire (UNOCI), CP Bruce Munyambo, wagizwe umuyobozi w'abapolisi (D2) bari mu butumwa bw' umuryango w'abibumbye muri Sudani y'Epfo(UNMISS), na CP Emmanuel Butera, wagizwe umuyobozi w'ibikorwa bya Polisi y'Umuryango w'abibumbye muri Sudani y'Epfo (UNMISS).

Aganira na Yenigun, IGP Gasana yavuze ko u Rwanda rufite ubushake bwo gukomeza kubungabunga amahoro ku isi, aho yagize ati: "Gukomeza kubungabunga amahoro ku isi tubikora nk'inshingano zacu nk'igihugu kigomba kwitanga mu Muryango w'abibumbye."

Yakomeje avuga ko Polisi y'u Rwanda yafashe uburyo bushya bw'imikorere busaba ubumenyi buhambaye, ikaba ari yo mpamvu yibanda ku guhugura abapolisi bayo.

IGP Gasana yavuze kandi ko Polisi y'u Rwanda ishaka kuzajyanisha amasomo ahabwa abajya kubungabunga amahoro, hibandwa ku byaha biri kuvuka nk'iterabwoba.

Yongeyeho ko kuba u Rwanda ruri kwihuta cyane mu iterambere, na Polisi y'u Rwanda itasigaye inyuma, kugira ngo abashoramari baza gushora imari yabo mu Rwanda bajye bakora bizeye umutekano wabo; bityo na yo ikagira uruhare mu iterambere ry'igihugu.

Nyuma y'ibi biganiro n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda, Yenigun yahuye n'amatsinda y'abapolisi (FPU), harimo iry'abagore n'irindi risanzwe rizajya kubungabunga amahoro muri Sudani y'epfo.

Yaboneyeho umwanya wo kuvuga ko mu ntangiriro z'umwaka utaha, bishoboka ko u Rwanda ruzaba urwa mbere bihugu byohereza abapolisi benshi mu butumwa bw'amahoro.

Yenigun yasuye kandi abandi bapolisi bitegura kujya mu butumwa bw'amahoro mu bihugu bitandukanye bari mu ishuri rya Polisi riri i Gishari mu karere ka Rwamagana.

Polisi y'u Rwanda irihanangiriza abavunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko

Polisi y'u Rwanda iributsa abanyarwanda n'abaturarwanda kwirinda kuvunjisha amafaranga ku bantu batabifitiye uruhushya.

Ibi bivuzwe nyuma y'aho ku itariki ya 30 Kamena Polisi y'u Rwanda mu karere ka Rusizi ifatiye mu murenge wa Bugarama abantu 3 bakekwaho kuvunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko, abo akaba ari: Nsengiyumva Theobald , Nshutikuneza Vincent na Sango Jean, bakaba bafungiye kuri sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ya Bugarama mu gihe ipereereza rikomeje.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda Assistant Commissioner of Police (ACP), Celestin Twahirwa yavuze ko ibikorwa nk'ibi atari byinshi mu Rwanda, ariko avuga ko na byo bitakwihanganirwa.

Polisi y'u Rwanda na Banki Nkuru y'Igihugu bafite inshingano zo kurwanya ivunjwa ry'amafaranga ritemewe, bikaba bigamije kurengera ubukungu bw'igihugu bushobora guturuka ku bucuruzi bw'amafaranga cyane cyane ubukorerwa ku masoko atemewe.

ACP Twahirwa yagize ati: "Hariho uburyo n'amategeko bigenga ivunja ry'amafaranga bigaragara mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, itegeko rishyiraho Banki Nkuru y'Igihugu n'amabwiriza rusange agenga za biro z'ivunjisha…Ayo mategeko n'amabwiriza yose arasobanutse kandi agomba kubahirizwa. Abantu rero bumva bashora imari mu gukora umurimo w'ivunjisha bagomba kwaka icyangombwa gitangwa na Banki Nkuru y'Igihugu n'ishyirahamwe nyarwanda ry'abiro byivunjisha (Rwanda Forex Bureau Association -RFBA), aho kubikora mu buryo butemewe kuko ari icyaha gihanwa n'amategeko."

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda Assistant Commissioner of Police (ACP), Celestin Twahirwa

Kugeza ubu mu Rwanda abasabye ibyangombwa byo kuvunjisha ni 88, aho 55% byabo bose bakorera mu mujyi wa Kigali.

ACP Twahirwa yakomeje avuga ko amabwiriza yo mu mwaka wa 2013 agenga za biro z'ivunjisha ingingo yayo ya 3 ivuga ko nta muntu wemerewe gukora cyangwa kwiyitirira gukora umurimo w'ibiro by'ivunjisha mu Rwanda atabyemerewe na Banki Nkuru hakurikijwe aya mabwiriza rusange.

Ingingo ya 4 na yo ivuga ko Sosiyete cyangwa Koperative yifuza kubona uburenganzira bwo gushyiraho ibiro by'ivunjisha igomba kugira byibuze imari shingiro ingana na miriyoni makumyabiri z'amafaranga y'u Rwanda (20.000.000 Frw) cyangwa angana nayo mu yandi mafaranga mbere yo gutangira ibikorwa kandi akagumaho igihe cyose.

Kuri aba bafashwe, ACP Twahirwa yagize ati: "Aba rero bakora mu buryo butemewe n'amategeko bigaragara ko ntaho baba banditse, ntibishyura imisoro, n'andi mafaranga asabwa, niyo mpamvu buri muntu wese akwiye kubahagurukira akabarwanya."

Mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda; ingingo ya 488 ivuga ko umuntu wese, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ucuruza cyangwa uvunja amafaranga y'u Rwanda cyangwa amadevize mu buryo bunyuranije n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda yanasabye abantu bakora ubucuruzi mpuzamahanga na bo kwirinda kugura cyangwa kugurisha amafaranga cyangwa amadovize ku bantu batemewe.

Yakomeje agira ati: "N'ubwo ubucuruzi nk'ubu butagaragara cyane mu Rwanda, dufite inshingano zo gucunga umutekano w'abantu n'ibyabo kandi mu guca ubucuruzi nk'ubu ni ukwita ku bukungu bw'igihugu n'inyungu za rubanda."

Polisi y'u Rwanda na Banki Nkuru bajya bagira gahunda yo gukangurira no kwigisha abashoramari gushyiraho ibiro by'ivunjisha byemewe aho kubikora mu buryo butemewe n'amategeko bishobora gutesha agaciro ifaranga n'izindi ngaruka ku bukungu.

Banki Nkuru y'Igihugu ivuga ko Amahoteli, amashyirahamwe y'ingendo n'ay'ubukerarugendo ari yo yonyine yemerewe kwakira amadovize kubera akazi bakora ko kwakira abanyamahanga benshi.

"N'ubwo ubucuruzi nk'ubu butagaragara cyane mu Rwanda, dufite inshingano zo gucunga umutekano w'abantu n'ibyabo kandi guca ubucuruzi nk'ubu ni ukwita ku bukungu bw'igihugu n'inyungu za rubanda."

Batatu bafatiwe mu bikorwa by' ubujura bw'intsinga z'amashanyarazi

Polisi y'u Rwanda mu karere ka Nyamagabe yafashe abagabo batatu bacyekwaho ubujura bw'insinga z'amashanyarazi zireshya na metero 50 za Sosiyete itunganya ikanatanga serivisi z'ingufu z'amashanyarazi (Energy Utility Corporation Limited-EUCL).

Abakurikiranyweho iki cyaha ni Nsanzimfura Jean de Dieu, Mbanjineza Peter, na Ndicunguye François.

Aba batatu bafashwe ku itariki 29 Kamena nyuma y'aho Polisi y'u Rwanda muri aka karere itangiye ipereereza ryayo ku bujura bw'insinga z'amashanyarazi muri aka karere.

Avuga kuri ubwo bujura, Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda muri aka karere, Superintendent of Police (SP) François Segakware yagize ati: "Mu minsi ishize, EUCL yatugejejeho ikirego cy'uko yibwe insinga zireshya na metero 300 ahantu hatandukanye. Guhera ubwo twatangiye gushaka abazibye, ndetse tubasha gufata ziriya zireshya na metero 50, ariko ibikorwa byo gushaka abandi bazibye birakomeje."

Yakomeje agira ati: "Tumaze gufata izo nsinga, hakurikiyeho gushaka nyir'inzu twazisanzemo (Nsanzimfura), dusanga ari hamwe na Mbanjineza, ndetse tuza gutahura ko na Ndicunguye afite aho ahuriye n'ubwo bujura; nibwo dutangiye kumushaka kugeza tumufashe."

Yavuze ko uko ari batatu bafungiwe kuri Sitasiyo ya Polisi ya Gasaka mu gihe ipereereza rikomeje.

Mu butumwa bwe, SP Segakware yagize ati: "Ibikorwa remezo bifitiye akamaro abaturage n'igihugu muri rusange. Kubyangiza cyangwa kubyiba bigira ingaruka ku bantu benshi. Ni yo mpamvu buri wese agomba kugira uruhare mu kubirinda no kubibungabunga, kandi agatanga amakuru y'ababyononnye kandi Polisi ntizabihanganira"

Ingingo ya 300 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ivuga ko umuntu wese ukora ubujura budakoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'icyibwe cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano

Abatwara imodoka 20 bafashwe bagerageza guha ruswa abapolisi

Polisi y'u Rwanda yafashe abantu 20 bakora umwuga wo gutwara abagenzi mu modoka bagerageza guha ruswa abapolisi bakora mu ishari rishinzwe umutekano mu muhanda.

Umuyobozi w'ishami rishinzwe ubugenzuzi bw'umurimo n'imyitwarire ngengamikorere muri Polisi y'u Rwanda (Commissioner for Inspection of Services and Ethics) , Assistant Commissioner of Police (ACP) Jean Nepo Mbonyumuvunyi yavuze ko bafatiwe mu bikorwa byabereye mu Ntara zose ku itariki 28 Kamena byari bigamije gufata abakora iki cyaha.

Yavuze ko abafashwe barimo umunani bafatiwe mu Mujyi wa Kigali, bane bafatiwe mu Ntara y'Amajyaruguru, bane bafatiwe mu y'Iburasirazuba, na batatu bafatiwe mu Ntara y'Iburengerazuba.

ACP Mbonyumuvunyi yongeyeho ko ruswa aba 20 bagerageje gutanga iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda igihumbi n'ibihumbi 50

Yavuze ko umunani bafatiwe mu Mujyi wa Kigali bagerageje gutanga ruswa iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bibiri n'ibihumbi 15.

Yagize ati: "Aba 20 bakoze iki cyaha kugira ngo be kuryozwa amakosa bafatiwemo arimo gutwara imodoka nta ruhushya rwo kuyitwara bafite, kurenza umuvuduko wemewe, kurenza umubare w'abagenzi, gukoresha telefone batwaye imodoka, n'ibindi." ACP Mbonyumuvunyi yavuze ko aba bakurikiranyweho iki cyaha bafungiwe kuri sitasiyo za Polisi y'u Rwanda zo mu turere bafatiwemo.

Yasabye abagenzi ndetse n'abandi bantu muri rusange kujya batanga amakuru y'abasabye, abatse, n'abakiriye ruswa.

Yakomeje ubutumwa bwe agira ati: "N'ubwo kwaka, gutanga, no kwakira ruswa bikorwa mu ibanga, ababikora bamenye ko Polisi y'u Rwanda izi amayeri yabo kandi ko yashyizeho ingamba zo kubafata. Abantu bakwiye kubireka kubera ko bidindiza ubukungu."

ACP Mbonyumuvunyi yanenze imyumvire ya bamwe mu bagenzi binuba iyo umuntu ubatwaye mu modoka ahaniwe kugeregeza guha ruswa umupolisi.

Yasoje agira ati:" Aho gutanga ruswa kugira ngo ye kuryozwa kwica amategeko yo gutwara ikinyabiziga; umuntu ugitwaye ubona ko yarenganyijwe n'umupolisi ukora mu ishami rishinzwe umutekano mu muhanda yatanga ayo makuru kuri nomero ya telephone 997 cyangwa 3511."

Nibahamwa n'icyaha, aba 20 bazahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro ka ruswa bashatse gutanga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 640 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

Umugore yafatanywe ibiro 30 by'urumogi mu gihe Polisi y'u Rwanda ikomeje ubukangurambaga bwo kurwanya ibyaha

Umugore ucyekwa gukwirakwiza ibiyobyabwenge mu gihugu yafatiwe mu karere ka Rubavu ku itariki 26 Kamena ahagana saa kumi n'ebyiri za nimugoroba.

Nyiranzitonda Jacqueline, ufite imyaka 36 y'amavuko ni we ukurikiranyweho iki cyaha, akaba yarafatanywe ibiro 30 by'urumogi, ubu akaba afungiye kuri Sitasiyo ya Polisi ya Gisenyi.

Mu nzu ye hafatiwemo kandi matela eshatu bikekwa ko nazo zaba ari injurano.

Nyiranzitonda aracyekwa kuba umwe mu bagize udutsiko tw'abakwirakwiza ibiyobyabwenge n'abiba ibintu bitandukanye, Polisi y'u Rwanda muri aka karere ikaba ikomeje gukora ipereereza ngo hamenyekane uruhare rwe muri ibyo byaha.

Ifatwa rye ribaye nyuma y'umunsi umwe Polisi y'u Rwanda itangiye icyumweru cy'ubukangurambaga bwo kurwanya ikoreshwa n'ikwirakwizwa ry'ibiyobyabwenge, urubyiruko rukaba rugize umubare munini w'ababyishoramo, ibi bikaba bisobanuye ko rugerwaho n'ingaruka zabyo kurusha abandi.

Yafashwe kandi nyuma y'umunsi umwe mu karere ka Nyamasheke habereye igikorwa cyo kwangiza ibiro 90 by'urumogi rwafatiwe mu bice bitandukanye by'aka karere mu bihe binyuranye mu mezi abiri ashize.

Intara y'Uburengerazuba ifatwa nk'imwe mu nzira inyuzwamo ibiyobyabwenge bivanwa mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda.

Polisi y'u Rwanda igaragaza ko urumogi rufatirwa mu ntara y'uburengerazuba urwinshi muri rwo rufatirwa ku muhanda Mukamira-Ngororero-Muhanga na Rubavu-Musanze-Kigali; naho ibindi biyobyabwenge nka Blue Sky bikaba byinjizwa mu gihugu mu buryo bwa magendu bivanywe muri Uganda; bikaba binyuzwa ku mipaka itemewe ihuza iki gihugu n'u Rwanda; cyane cyane mu karere ka Burera, ndetse hakaba hari ibiyobyabwenge bijya bifatirwa muri aka karere bijyanywe muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, Assistant Commissioner of Police (ACP) Celestin Twahirwa yavuze ko ifatwa ry'uru rumogi ndetse n'ibindi biyobyabwenge ryatewe n'ingamba zafashwe zirimo ibikorwa byo gufata ababyishoramo, ubukangurambaga bwo kubyirinda bukorwa mu mashuri no mu muryango nyarwanda, ibi bikiyongeraho uruhare rw'abagize Komite zo kwicungira umutekano (Community Policing) no guhanahana amakuru ku gihe.

ACP Twahirwa yakomeje agira ati: "Byumvikane neza ko iyo hagize ufatwa akwirakwiza cyangwa anywa ibiyobyabwenge haba hari umuntu wateshutse ku nshingano ze."

Yagize kandi ati: "Iyo hagize umwana wishora mu biyobyabwenge, ujya kuba ku muhanda, cyangwa ureka ishuri; ababyeyi, abaturanyi, abayobozi b'inzego z'ibanze, ndetse n'umuryango nyarwanda muri rusange bajye bumva ko habayeho kutuzuza inshingano mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Dushyize hamwe twagera kuri byinshi byiza birimo kurengera umwana, kubumbatira umutekano, uburezi bufite ireme, n'iterambere rirambye ."

Muhanga: Afungiwe kwiyita umupolisi akambura abantu

Polisi y'u Rwanda mu karere ka Muhanga ifungiye kuri Sitasiyo ya Nyamabuye umugabo witwa Mutsindashyaka Jean Damascene kubera ubwambuzi bushukana bw'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 80, iki cyaha akaba yaragikoze yiyita Umupolisi w'u Rwanda.

Umuyobozi wa Polisi muri aka karere , Chief Inspector of Police (CIP) John Bosco Karega yavuze ko amakuru y'ubwo bwabuzi bushukana yatanzwe n'uwo yatse ayo mafaranga witwa Ingabire Claudine amubeshya ko azamushakira akazi mu mushinga w'uburobyi bw'amafi (Kivu Fishing Project), uyu mushinga ukaba ari baringa kubera ko utabaho mu karere ka Muhanga.

CIP Karega yavuze ko Mutsindashyaka, ufite imyaka 28 y'amavuko, yafatiwe mu kagari ka Gahogo, ho mu murenge wa Nyamabuye ku itariki 25 Kamena ahagana saa tatu za mu gitondo.

Asobanura uko yafashwe, CIP Karega yagize ati: "Ku munsi yafashweho, Mutsindashyaka yabwiye Ingabire ko ari umupolisi w'u Rwanda kandi ko aziranye n'abayobozi batandukanye bo mu karere ka Muhanga ku buryo ashobora kumushakira akazi muri uwo mushinga wa baringa. Ingabire yagize amakenga, maze abaza abandi niba koko uwo mushinga ubaho. Yaje kumenya ko utabaho, maze ahita abimenyesha Polisi y'u Rwanda."

CIP Karega yongeyeho ko basatse mu nzu ya Mutsindashyaka maze basangamo ibyangombwa by'ibyiganano by'uwo mushinga utabaho, fotokopi esheshatu z'ibyemezo by'amashuri by'abantu batandukanye n'amafoto magufi ane ya bamwe muri bo.

Mu butumwa bwe, CIP Karega yagize ati: "Umupolisi w'u Rwanda agira ibimuranga birimo ikarita y'akazi n'impuzangano. Ikindi kandi Polisi y'u Rwanda ntishakira abantu imirimo. Abantu bakwiye kuba maso kuko abatekamutwe nk'aba barahari. Uzababona cyangwa akamenya amakuru y'ibikorwa nk'ibi by'ubwambuzi bushukana azabimenyeshe Polisi y'u Rwanda n'inzego zibishinzwe."

Nahamwa n'icyaha, Mutsindashyaka azahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu

(3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000) nk'uko biteganywa n'ingingo ya 318 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

Polisi y'u Rwanda n'Umujyi wa Kigali batangije icyiciro cya gatandatu cy'ubukangurambaga bwo kwita ku isuku n'umutekano

Polisi y'u Rwanda n'Umujyi wa Kigali, ku itariki 2 Nyakanga batangije icyiciro cya gatandatu cy'ubukangurambaga bwo kwita ku isuku no kubumbatira umutekano mu mujyi wa Kigali.

Iki cyiciro cyatangirijwe kuri sitade ya Kigali i Nyamirambo, kikaba kigamije guhuriza hamwe abafatanyabikorwa batandukanye gushyira imbaraga mu kugira uruhare mu mutekano n'isuku.

Iki gikorwa cyatangijwe ku mugaragaro n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Mukaruliza Monique n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP) Emmanuel K. Gasana.

Mu ijambo rye, Mukaruliza yavuze ko hari ibintu bibiri umujyi wa Kigali urusha indi mijyi myinshi muri Afurika no ku isi, ari byo umutekano n'isuku.

Yakomeje ashimira Polisi y'u Rwanda ubufatanye bwihariye ifitanye n'Umujyi wa Kigali, aho yavuze ko umuntu ufite umutekano bituma atekereza neza, maze na we agatera imbere. Mukaruliza yavuze ko isuku igomba gutangirira ku muntu ku giti cye, mu ngo , ku myambaro no ku mubiri n'aho abantu bakorera ku buryo abazahembwa bazaba babikoreye.

Yagize ati: "Umutekano n'isuku ntibitandukanywa,tukaba tugomba gushyiramo imbaraga ku buryo byaba umuco kuri buri munyarwanda."

Yasoje ashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ukora uko ashoboye kose ngo umutekano n'isuku bibe umuco mu Rwanda.

IGP Gasana yavuze ko isuku n'umutekano ari byo shingiro ry'iterambere rirambye, ndetse yongeraho ko iki gikorwa cyo gukangurira abantu isuku n'umutekano kigamije gukemura ibibazo bitandukanye igihugu kiba gifite, kandi ko gifite aho gihuriye n'icyerekezo cy'igihugu mu bijyanye n'iterambere.

Yakomeje avuga ko muri iki gikorwa cyo guharanira isuku n'isukura, Polisi y'u Rwanda igenera ibihembo buri murenge witwaye neza muri buri karere k'Umujyi wa Kigali. IGP Gasana yabwiye abari bateraniye aho ko bashyira imbaraga mu kurwanya impanuka zo mu muhanda, ibiyobyabwenge n'ibisindisha, amakimbirane yo mu ngo n'ihohoterwa rikorerwa abana, ubujura, ruswa n'ibindi byaha.

Uyu muhango kandi wari wanitabiriwe n'uhagarariye amashami y'Umuryango w'abibumbye akorera mu Rwanda Lamin M. Manneh, washimiye ubushake n'ubwitange bikomeye by'abanyarwanda mu kwita ku isuku n'umutekano.

Manneh yagize ati:" Abanyarwanda biyemeje ko umujyi wa Kigali uba uwa mbere muri Afurika mu mijyi ifite umutekano n'isuku, ibi bigerwaho kubera ubuyobozi bwiza bwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame."

Abatuye mu murenge wa Rwezamenyo bahawe ibiganiro ku gukumira no kurwanya ibyaha

Abaturage bagera kuri 400 bo mu kagari ka Rwezamenyo, ho mu murenge wa Rwezamenyo, mu karere ka Nyarugenge, bakanguriwe kwirinda no kugira uruhare mu kurwanya ihohoterwa ririmo irishingiye ku gitsina, iryo mu ngo, n'irikorerwa abana, ibiyobyabwenge, n'icuruzwa ry'abantu.

Ibi babikanguriwe ku itariki 24 Kamena mu nama bagiranye n'Umuyobozi w'agashami gashinzwe kurwanya ibiyobyabwenge, Superintendent of Police (SP) Christophe Semuhungu, akaba yarunganiwe na Inspector of Police (IP) Christine Mukamazimpaka, akaba akora mu gashami gashinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana.

Utu dushami twombi tubarizwa mu Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe ubugenzacyaha (Criminal Investigation Department-CID).

SP Semuhungu yabwiye abo baturage ko ibiyobyabwenge bikunze gufatirwa mu bice batuyemo harimo urumogi na Kanyanga.

Yagize ati: "Ibiyobyabwenge ubwabyo birisobanuye. Biyobya ubwenge bw'uwabinyoye, hanyuma agakora ibyaha nko gukubita no gukomeretsa, ubujura, no gufata ku ngufu. Murasabwa kubyirinda kandi mugire uruhare mu kubirwanya muha Polisi y'u Rwanda amakuru y'ababinywa, ababicuruza, n'ababitunda."

IP Mukamazimpaka yasobanuriye abo baturage ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari igikorwa icyo ari cyo cyose gikorewe umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, ibyo akabikorerwa kubera ko ari igitsina gore cyangwa igitsina gabo ku buryo icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe cyangwa kikamugiraho ingaruka mbi, iryo hohoterwa rikaba rishobora gukorerwa mu ngo ndetse n'ahandi.

Yakomeje ababwira ko ihohoterwa rikorerwa mu ngo ari iriba hagati y'abashakanye, hagati y'ababyeyi n'abana, hagati y'abandi bantu babana mu rugo cyangwa bafitanye amasano bo mu muryango ndetse n'abakozi bo mu rugo.

IP Mukamazimpaka yabwiye abo baturage ko ihohoterwa rikorerwa abana harimo kubakubita, kubavana mu ishuri, kubakoresha imirimo ivunanye, kubasambanya, kubata, gukuramo inda, no kubacuruza.

Yagize ati: "Polisi y'u Rwanda ikora ubukangurambaga nk'ubu kubera ko hari abantu bagihohotera abana ndetse hakaba hari n'abagikora ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Mubyirinde kandi mutange amakuru y'ababikora."

Yabasabye kujya batanga amakuru y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'iryakorewe abana kuri nomero ya telefone 112, 116, na 3512, cyangwa bakayatanga kuri sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ibegereye.

Ku bijyanye n'icuruzwa ry'abantu, abo baturage babwiwe ko abakora iki cyaha bibasira urubyiruko, aho bizeza abo bashaka kujya gucuruza ko bazabaha cyangwa bakabashakira amashuri n'akazi keza mu bindi bihugu.

Basobanuriwe ko iyo babagejejeyo babambura ibyangombwa byose, hanyuma bakababakoresha imirimo ivunanye kandi nta gihembo, ndetse bakababashora mu bikorwa by'urukozasoni nk'ubusambanyi; cyangwa bakabavanamo zimwe mu ngingo z'umubiri nk'impyiko maze bakazigurisha abazikeneye kubera impamvu zinyuranye.

Urubyiruko rwari aho rwasabwe kwima amatwi uwarwizeza bene ibyo bitangaza ahubwo bakamenyesha Polisi y'u Rwanda n'izindi nzego zirimo iz'ibanze igihe bamenye amakuru ajyanye n'icuruzwa ry'abantu.

"Ibiyobyabwenge ubwabyo birisobanuye. Biyobya ubwenge bw'uwabinyoye, hanyuma agakora ibyaha nko gukubita no gukomeretsa, ubujura, no gufata ku ngufu. Murasabwa kubyirinda kandi mugire uruhare mu kubirwanya muha Polisi y'u Rwanda amakuru y'ababinywa, ababicuruza, n'ababitunda."

Abatanzaniya baje kwigira kuri Polisi y'u Rwanda ku kurengera no kwita ku bidukikije

Mu rugendoshuri itsinda ry'abayobozi batanu bavuye mu gihugu cya Tanzaniya bagiriye mu Rwanda ngo barwigireho uko rurengera ibidukikije cyane cyane uko rwabashije guca iyinjizwa n'ikoreshwa ry'amasashe, ku wa 22 Kamena ryasuye Polisi y'u Rwanda.

Umunyamabanga uhoraho wungirije mu biro bya Visi Perezida wa Tanzaniya Eng. Ngosi Mwihara ari na we wari uyoboye iri tsinda, yavuze ko gusura Polisi y'u Rwanda bigamije kuyigiraho uko agashami kayo gashinzwe kurwanya iyangizwa ry'ibidukikije gakora, n'uko gashyira mu bikorwa gahunda ya Leta yo kubirengera no kubyitaho.

Yagize ati: "Turashaka kwigira ku Rwanda, by'umwihariko uko rwabigenje ngo amasashe acike mu gihugu kuko ateza ibibazo byinshi by'iyangirika ry'ibidukikije."

Mu mwaka w'2008, u Rwanda rwashyizeho ibwiriza ryo kutongera gutumiza no gukoresha amasashe ku butaka bw'u Rwanda kuko yangiza ibidukukije.

Eng. Mwihara yavuze ko Tanzaniya na yo ifite gahunda yo gufata icyemezo nk'iki, akaba ari yo mpamvu bashaka kwigira ku Rwanda uko byakozwe.

Yagize ati: "Ni yo mpamvu kuba natwe dushaka guca amasashe mu gihugu cyacu, twashatse kuza kwigira ku bunararibonye bw'u Rwanda kuko ari cyo gihugu cyabashije kugera kuri iyi ntego mu bihugu byo muri kano karere.Twize ko iyo ushaka guca amasashe ugomba kuba wateguye ibizayasimbura. Ibi u Rwanda rukaba rwarabikoze kuko rwashyizeho ibiyasimbura bikozwe mu mpapuro."

Ubwo bakirwaga n'umuyobozi w'ishami ry'ubugenzacyaha muri Polisi y'u Rwanda (CID) Assistant Commissioner of Police (ACP) Theos Badege, yabaganirije muri make ku ngamba Leta y'u Rwanda yashyizeho zo kurengera no kwita ku bidukikije.

Yababwiye kandi ko na Polisi y'u Rwanda itasigaye inyuma mu kwita ku bidukikije, kuko mu mwaka ushize yashyizeho agashami gashinzwe kurwanya iyangizwa ry'ibidukikije, hagamijwe kugera ku iterambere rirambye.

ACP Badege yagize ati: "Polisi y'u Rwanda ishyiraho agashami nk'aka, bwari uburyo bwo kurwanya iyangizwa ry'ibidukikije, aka gashami ntigashinzwe gusa kureba ko ibidukikije bitangizwa, ahubwo kanagira uruhare mu kubibungabunga kanabyigisha abaturage, kubasobanurira amategeko abigenga, no kubakangurira ko kubungabunga ibidukikije ari inshingano zabo."

Abapolisi 40 basoje amasomo ku kugenza ibyaha kinyamwuga

Ku itariki 2 Nyakanga, Umuyobozi w'Ishuri Rikuru rya Polisi y'u Rwanda, Commissioner of Police (CP) Felix Namuhoranye yasoje icyiciro cya kabiri cy'amasomo ku kugenza ibyaha kinyamwuga yakurikiwe n'abapolisi 40.

Ayo masomo yatanzwe mu gihe cy'amezi atandatu yari agamije kongerera abo bapolisi ubumenyi mu kugenza neza ibyaha haba mu gihugu imbere,ndetse no hanze yacyo.

Ubwo yayasozaga, CP Namuhoranye yashimye abo bapolisi kuba barakurikiye neza ibyo bigishijwe, ndetse no kuba bararanzwe n'imyitwarire myiza mu gihe bamaze biga, hanyuma abasaba kuzashyira mu bikorwa ibyo bize, kandi bagasangiza bagenzi babo ubumenyi bungutse.

Yagize ati: "Ubumenyi muvanye muri iri Shuri buri mu bumenyi bwo ku rwego rwo hejuru buritangirwamo, ku buryo; hashingiwe ku cyiciro barimo, ababuhawe baba abanyamwuga, n'abayobozi beza ba bagenzi babo."

CP Namuhoranye yakomeje avuga ko yizera adashidikanya ko ubumenyi bahawe buzabashoboza kuzana impinduka nziza mu migenzereze y'ibyaha.

Yavuze ko mu byo bigishijwe uhereye ku itariki 8 Gashyantare harimo uburyo bwo kubaza abakekwaho gukora icyaha, uburenganzira bwabo, uburyo bwo kuzitira no kurinda ahabereye icyaha kugira ngo hatagira umuntu utabyemerewe uhinjira akaba yakwangiza ibimenyetso byacyo, gukusanya ibimenyetso by'icyaha, kukigenza, n'imyitwarire ukwiriye y'Umugenzacyaha.

Avuga ku byo iri Shuri abereye Umuyobozi ndetse na Polisi y'u Rwanda muri rusange byiteze kuri abo bapolisi basoje ayo masomo, CP Namuhiranye yagize ati: "Turizera tudashidikanya ko mugiye kuba imbarutso y'impinduka nziza mu gutanga ubutabera binyuze mu kugenza ibyaha kinyamwuga. Mukwiye kurangwa n'imyitwarire myiza mwirinda ruswa n'ibindi byose binyuranije n'indangagaciro za Polisi y'u Rwanda."

Uyu muhango witabiriwe kandi na Chief Superintendent of Police (CSP) Jean de Dieu Gatabazi, akaba ari Umuyobozi wungirije w'Ishami rya Polisi y'u Rwanda ry'Ubugenzacyaha (Criminal Investigation Department-CID) ushinzwe kugenza ibyaha bikomeye.

Mu ijambo rye yibukije abo bapolisi ko bafite inshingano ikomeye yo gutanga ubutabera, bityo abasaba kwita no kuzirikana amahame ya Polisi y'u Rwanda kugira ngo basohoze inshingano zabo uko bikwiye.

Inama y'umutekano y'Intara y'Amajyepfo yashyizeho ingamba zo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana

Inama y'umutekano y'Intara y'Amajyepfo yateraniye mu karere ka Huye ku itariki 28 Kamena yashyizeho ingamba zikomeye zo kurwanya ikintu cyose gitera ihohoterwa rikorerwa abana n'irishingiye ku gitsina.

Iyi nama yayobowe na Minisitiri w'uburinganire n'iterambere ry'umuryango Dr. Diane Gashumba ari kumwe n'Umuyobozi w'iyi Ntara Munyentwali Alphonse, iyo nama ikaba yarashojwe abayitabiriye biyemeje kurwanya ibyo byaha byombi, barushaho gukorana n'nzego z'inama y'igihugu y'abagore zikorera ku nzego z'ibanze.

Yari yitabiriwe kandi n'abahagarariye abagore kuva ku rwego rw'intara kugeza ku murenge.

Ageza ijambo ku bari bayitabiriye, Minisitiri Gashumba yavuze ko gufatira hamwe ingamba zikomeye hagati y'inzego z'umutekano, iz'ibanze ndetse n'abaturage bizatuma habaho ku buryo bworoshye gutahura no gukemura ibibazo biterwa n'ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore.

Minisitiri Gashumba yagize ati: "N'ubwo hari ingamba zafashwe, abana baracyakomeza kubuzwa uburenganzira bwabo, ibi bikaba bitureba twese nk'abayobozi, nitutagira icyo dukora vuba rero, ingaruka zizagera ku bana ubwabo no ku gihugu muri rusange."

Yakomeje avuga ko kubera uburangare bwa bamwe mu babyeyi, abana babo bataye amashuri, bajya kuba inzererezi mu mihanda, abandi bakaba bakoreshwa imirimo ivunanye mu ngo, mu birombe by'amabuye y'agaciro no mu mirima y'ibyayi.

Ku rundi ruhande, yanavuze ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigaragara mu miryango imwe n'imwe ariryo pfundo ry'ihohoterwa rikorerwa abana, kuko imiryango ibanye nabi hari igihe umwe yica undi bikagira ingaruka ku bana kuko usanga bafata inshingano zo gufasha umubyeyi wasigaye. Yasabye aba bayobozi gufatanya n'Inama y'igihugu y'abagore, bakorana n'abayihagarariye ku rwego rw'umudugudu n'akagari, bagaca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Muri iyo nama, Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Amajyepfo, Assistant Commissioner of Police (ACP) Francis Nkwaya, yeretse abayitabiriye uko umutekano uhagaze muri iyo ntara mu mezi abiri ashize, ababwira impamvu zitera ibyaha bibonekamo n'ingamba zafashwe mu kubirwanya.

Yavuze ko ibyaha biza ku isonga mu ntara y'Amajyepfo ari icuruzwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ubujura, ariko anavuga ko ugereranyije n'ibihe byashize ibi byaha byagabanutse, kubera imikoranire myiza iri hagati ya Polisi n'abaturage, ubukangurambaga, imikwabu yo gufata abanyabyaha, amarondo, umusaruro wa za komite zo kwicungira umutekano, gukorana n'izindi nzego z'umutekano ndetse n'inzego z'ibanze.

ACP Nkwaya yagize ati:"Iyi mikoranire yatumye habaho guhanahana amakuru byihuse tugahita tunashakira hamwe ibisubizo, kugira ngo turwanye kandi dufate abanyabyaha, tukanagaruza ibyibwe, kandi akenshi tukaburizamo ikorwa ry'ibyaha."

Abamotari, abanyonzi n'abanyeshuri bashyizeho amahuriro atandatu yo kurwanya ibyaha

Abakora umwuga wo gutwara abagenzi kuri moto no ku magare bo mu karere ka Nyamagabe n'abanyeshuri biga mu ishuri ryisumbuye ryo mu karere ka Nyanza ryitwa College Christ Roi bashyizeho amahuriro atandatu yo kurwanya no gukumira ibyaha (Anti-Crime Clubs).

Aba bagize ibi byiciro bashyizeho ayo mahuriro mu nama bagiranye na Polisi y'u Rwanda muri utu turere twombi.

Abamotari bakoze iki gikorwa bibumbiye mu mashyirahamwe atatu ari yo: COTRANYA, COTAMONYA na COMONYA, naho abanyonzi bibumbiye mu mashyirahamwe abiri ari yo: COTAVENYA na COTAMU. Ayo mahuriro atanu y'abamotari n'abanyonzi bo muri Nyanmagabe yashyizeho ku itariki 7 Kamena; naho rimwe ry'abanyeshuri ryashyizeho ku itariki 8 Kamena.

Aba bagize ibi byiciro bafashe uyu mwanzuro wo gushyiraho amahuriro atandatu yo kurwanya ibyaha nyuma yo kunyurwa n'inyigisho za Polisi y'u Rwanda muri utu turere aho basobanuriwe uruhare rwabo mu kwicungira umutekano. Aganira n'abo bamotari n'abanyonzi,Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda mu karere ka Nyamagabe, Superintendent of Police (SP) François Segakware yagize ati:"Mwakoze igikorwa cyiza. Muzarwanye ibyaha muri gukora umwuga wanyu, muzabirwanye mu midugudu yanyu, ndetse n'ahandi hose muzaba muri."

Yakomeje ababwira ati:"Ubu mubaye abakangurambaga mu kurwanya ikintu cyose kinyuranije n'amategeko. N'ubundi mwari musanzwe muri bo; ariko ubu mugiye kubikora neza biruseho kubera ko mubyumva kimwe kandi mushyize hamwe."

SP Segakware yabasabye kubahiriza amategeko y'umwuga wabo kugira ngo birinde gukora cyangwa guteza impanuka mu muhanda.

Ibyo abo bamotari, abanyonzi, n'abanyeshuri basabwe harimo kurwanya ikoreshwa n'itundwa ry'ibiyobyabwenge, icuruzwa ry'abantu, ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana.

Mu ijambo rye, Umuyobozi w'abamotari mu karere ka Nyamagabe, Nsabimana Jerome yagize ati:" Urubyiruko nkatwe tugomba kugira uruhare mu kwicungira umutekano, kandi tuzabigeraho biciye mu mahuriro nk'aya."

Yashimye bagenzi be k'ubw'icyo gikorwa , kandi asaba abandi bakora uyu mwuga wo gutwara abagenzi ndetse n'abandi bantu muri rusange gutera ikirenge mu cyabo.

Kugeza ubu, mu karere ka Nyamagabe hamaze gushyirwaho amahuriro yo kurwanya ibyaha agera kuri 84 arimo 51 y'abanyeshuri, naho mu karere ka Nyanza hamaze gushyirwaho 26 arimo 25 y'abanyeshuri.

Mu gihugu hose hamaze gushyirwaho amahuriro yo kurwanya ibyaha arenga igihumbi, kandi 90% yayo ari mu bigo by'amashuri.

Ishuri rikuru rya Polisi y'u Rwanda ryateguye ku nshuro ya 3 ibiganiro ku kurwanya ibyaha

Ishuri rikuru rya Polisi y'u Rwanda, ku itariki 23 Kamena ryateguye ku nshuro ya 3 ibiganiro byihariye ku mahoro, umutekano n'ubutabera, abayobozi bakuru muri Leta y'u Rwanda, impuguke, abashakashatsi n'abarimu ba za Kaminuza bakaba barabyitabiriye baganirira hamwe uko bakumira ibyaha bibangamira umutekano. Ibi biganiro byabereye ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda, biri mu bihabwa abapolisi bakuru biga ibijyanye n'ubuyobozi muri iri shuri.

Ibi biganiro byateguwe mu rwego rwo kongerera ubumenyi aba bapolisi bakuru ku bibazo bibangamira amahoro, umutekano n'amahoro bagahabwa ubunararibonye n'aba bashakashatsi, abafata ibyemezo bya Politiki n'abandi bayobozi mu nzego nkuru z'igihugu zijyanye n'umutekano n'ubutabera.

Insanganyamatsiko y'ibi biganiro ikaba yaragiraga iti: "Kurwanya ibyaha bibangamira umutekano: Kongera gutekereza ku ngamba zo kubirwanya."

Mu batanze ibiganiro harimo Minisitiri w'Ingabo Gen. James Kabarebe, Minisitiri w'ubutabera Johnston Busingye, n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP) Emmanuel K. Gasana.

Harimo kandi Umuyobozi w'Ikigo cy'igihugu gishinzwe imiyoborere Prof. Shyaka Anastase watanze ikiganiro ku miyoborere myiza nk'inkingi y'umutekano urambye, Dr. Ochieng Kamudhayi wo muri Kaminuza ya Nairobi, watanze ikiganiro ku mahoro n'amakimbirane arangwa muri Afurika, Stephen Anthony Rodriques , uhagarariye Ishami ry'Umuryango w'abibumbye rishinzwe gutsura amajyambere (UNDP) watanze ikiganiro ku bibazo Umuryango w'abibumbye uhura na byo mu kugarura amahoro



nyuma y'amakimbirane, na Rwego Francis intumwa idasanzwe ya Polisi mpuzamahanga mu Muryango w'Ubumwe bwa Afurika watanze ikiganiro ku ikorwa ry'ibyaha muri iki gihe isi yabaye nk'umudugudu.

Minisitiri w'umutekano mu gihugu Sheikh Musa Fazil Harelimana, wafunguye ku mugaragaro ibi biganiro by'umunsi umwe, yavuze ko ibiganiro nk'ibi ari uburyo bwo kurwanya ibyaha bigaragara mu karere karangwamo umutekano mucye, iterabwoba n'ibindi byaha ndengamipaka bihungabanya umutekano wa kimwe mu bihugu bikagize.

Yavuze ati: "Birumvikana ko kugira ngo duhangane n'ibyaha bidasanzwe bigenda bivuka, abapolisi na bo basabwa kugira ubumenyi bwisumbuye k'ubw'ababikora, bakumva neza ibibazo by'umutekano mu bihugu byabo, mu karere, no ku isi muri rusange."

Minisitiri Kabarebe watanze ikiganiro ku kwivanga kw'amahanga mu busugire bwa Afurika, yavuze ko uko kwivanga kwahinduye isura kurusha ubukoloni, bitewe n'uko isi yabaye nk'umudugudu.

Yagize ati: "Ukwivanga kw'amahanga mu busugire bwa Afurika byaroroshye cyane bitewe n'uko bamwe mu batuye kuri uyu mugabane bishyira mu maboko y'abanyamahanga nk'ibikoresho byabo. Nk'ubu, ibirego by'amahanga bishinja u Rwanda ibintu bitandukanye biba bigamije guteza imbere inyungu zabyo."

Mu kiganiro Minisitiri w'ubutabera yatanze yagize ati: "Nitugumana ya mikorere ya gakondo yo kutamena ibanga ry'ubunyamwuga ku mikorere y'inzego zacu z'umutekano, tuzaba duha icyuho ibyaha bikorerwa ku isi."

IGP Gasana yavuze ko abanyafurika bakwiye kugira umuco wo kwikemurira ibibazo by'umutekano, bakoresha ubufatanye no guhanahana amakuru y'icyawuhungabanya.

Yagize ati: "Muri iyi minsi turimo, ibyaha birakorwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ibyaha nk'ibi kandi bigira ingaruka ku mutekano, iterambere ry'abaturage n'iry'ubukungu, ni yo mpamvu tugomba gukorera hamwe nk'abagize akarere mu guhangana n'ibi byaha."

Minisitiri w'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane w'u Rwanda Louise Mushikiwabo yasoje ibi biganiro avuga ko ibyaha bibangamira umutekano muri iki kinyejana cya 21 bikura vuba kandi ko kubitahura bitoroshye.

Yagize ati: "Ibi bivuze ko twese tugomba kwitegura guhangana n'ibyaha nk'ibyo bitungurana. Nshimishijwe n'uko mu byo mwaganiriyeho harimo ibibazo bibangamiye umutekano.Ibi rwose byari ngombwa."

Yagize kandi ati: "Gukorera hamwe ni ngombwa cyane muri gahunda zo kubungabunga umutekano. Tugomba kumvisha abaturage kwirinda kwishora mu byaha dukoresheje ubufatanye mpuzamahanga."

Batatu bakekwa kwiba ibikoresho by'ikoranabuhanga barafashwe

Abagabo batatu bafunzwe bazira gufatanwa ibikoresho by'ikoranabuhanga binyuranye bibye mu Mujyi wa Kigali.

Abakurikiranyweho gukora iki cyaha ni Simon Niyomugabo, Augustin Ruzindana na Olivier Ndababonye, bakaba barafashwe ku itariki 23 Kamena.

Aba batatu bakekwa kwiba mudasobwa n'ibindi bintu birimo telefone, Bibiliya,umugozi wifashishwa mu gushyira umuriro muri telefone, n'agatabo kandikwamo ibintu binyuranye (Agenda) bya Simon Yung, bakaba barabimwibiye mu murenge wa Remera, ho mu karere ka Gasabo ku ya 20 Kamena ahagana saa mbiri z'ijoro.

Ibyo bintu bimaze gufatwa nyirabyo yabishyikirijwe n'Umuyobozi wa Polisi mu Mujyi wa Kigali, Assistant Commissioner of Police (ACP) Felly Rutagerura Bahizi, icyo gikorwa kikaba cyarabereye ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda mu Mujyi wa Kigali.

Amaze kubishyikirizwa, Yung yagize ati: "Nkimara kwibwa nahise mbimenyesha Polisi. Yanyijeje ko ibintu byanjye izabifata none imvugo ibaye ingiro; yabifashe ndetse irabinshikirije."

Yakomeje agira ati: "Ndabashimira cyane ku gikorwa mwankoreye.Nashimishijwe n'ukuntu mukurikirana ikibazo mugejejweho kugeza gikemutse. Ibyo byerekana ko mukora kinyamwuga. Imana ikomeze guha umugisha iki gihugu n'abagituye."

Asobanura uko Yung yibwe, ACP Bahizi yagize ati: "Niyomugabo, ubana n'ubumuga bwo kutagenda neza, yamwisitajeho aho yari yicaye ndetse agusha nkana imbago ye. Ubwo Yung yari yunamye ahugiye mu kuyimutoragurira ndetse anamukomeza nk'umuntu wari ugize ikibazo, abari bafatanyije umugambi wo kumwiba bahise bafata igikapu cye cyarimo mudasobwa na biriya bintu bindi barabijyana."

ACP Bahizi yakomeje agira ati: "Akimara kubura ibintu bye, Yung yahise ajya gutanga ikirego kuri sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ya Remera. Iyo mudasobwa yafatanywe umuntu wo mu Mujyi w'akarere ka Rubavu wari wayiguze; naho ibyo bintu bindi bikaba byarafatanywe Niyomugabo."

Aba uko ari batatu bafungiwe kuri sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ya Remera mu gihe ipereereza rikomeje.

Amaze kumushyikiriza ibintu bye, ACP Bahizi yabwiye Yung ati: "Wakoze neza kumenyesha Polisi y'u Rwanda ukimara kwibwa. Byatumye ibintu byawe bifatwa vuba. Mu Mujyi wa Kigali ndetse no mu Rwanda muri rusange hari umutekano. Aho uri hose ujye wumva ko utekanye."

Ingingo ya 300 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ivuga ko umuntu wese ukora ubujura budakoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'icyibwe cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Abagabo babiri bafunzwe bakekwaho ubwambuzi bushukana biyita abakomisiyoneri ba Polisi

Ngirabakunzi Seleman na Mbarushimana Jean Baptiste bamaze imyaka ibiri bakora akazi k'ubukomisiyoneri, aho begera abafite ibinyabiziga bifite ibyo bisabwa n'ikigo gipima ubuziranenge bw'imodoka (Mechanical Inspection Center) ngo bihabwe ibyangombwa byerekana ko byujuje ubuziranenge, maze bakabaca amafaranga babumvisha ko baziranye n'abapolisi bakora muri iki kigo, bityo ko bari bubasabe bakaborohereza.

Ngirabakunzi yagize ati:" Mbimazemo imyaka ibiri, hari n'abandi bagabo babiri dukorana, imodoka nto baduha amafaranga y'u Rwanda 20,000 naho ku modoka nini nka Fuso baduha amafaranga y'u Rwanda 30,000. Maze gushuka abarenga 40 mu myaka ibiri ishize mbikora. Nyir'imodoka cyangwa umushoferi amara kuyampa nkihamagaza kuri telefone mubeshya ko mvuganye n'umupolisi ukora muri iki Kigo, maze nkamubwira ngo nagende aramufasha."

Yakomeje agira ati: "Iyo uwampaye amafaranga agezeyo ntahabwe servisi nari namusezeranyije, ahita ampamagara nkanga kumwitaba. Ni muri ubwo buryo abantu bagenda babwirana ko twabatekeye umutwe."

Chief Superintendent of Police (CSP) Emmanuel Karinda uyobora iki kigo cya Polisi y'u Rwanda kizwi nka Controle Technique, yasabye ba nyir'imodoka gukurikirana ubuziranenge bw'ibinyabiziga byabo, kandi byaba byiza bakiyizira kubikoresha igenzura kuko bakunze kubeshywa n'abo baba bohereje.

Aha CSP Karinda yagize ati: "Dukora kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatandatu, duhera saa kumi n'imwe z'igitondo tugafunga saa kumi n'ebyiri z'umugoroba.

Bugesera: Afunzwe akekwaho kwiyitirira imirimo adakora akanatanga ibyangombwa by'ibihimbano

Polisi y'u Rwanda mu karere ka Bugesera yafashe umusore w'imyaka 28 ukekwaho ibyaha bitandukanye birimo kwiyitirira imirimo yo mu nzego za Leta adakora, agamije kubeshya impunzi ko azazishakira ibyangombwa bizazihesha kujya mu bihugu byo hanze.

Uwo musore witwa Karambizi Jean Yves yafashwe ku itariki ya 20 Kamena, nyuma y'aho Sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ya Nyamata yakiriye ibirego byinshi bimushinja kwiyita umukozi wa Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu, agatanga ibyangombwa by'ibihimbano byemerera impunzi kujya mu mahanga.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu ntara y'Iburasirazuba, Inspector of Police (IP) Emmanuel Kayigi, yatangaje ko Karambizi yafatiwe kuri Hotel Palast Rock, aho yari amaze kwakirira andi mafaranga y'undi muntu na we yabeshyaga atyo.

Yagize ati: "Yabwiraga impunzi ko ari umukozi wa Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu, kandi ko ashobora kuzishakira ibyangombwa bizemerera kujya mu mahanga, ubundi akaziha iby'ibihimbano. Mbere y'uko afatwa, yari amaze gushuka abantu 3, akaba yari amaze kubambura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana ane na mirongo icyenda (490.000 Frw)."

Yakomeje agira ati: "Karambizi yabeshyaga aba bose ko azabashakira viza na tikez'ingendo bibageza mu gihugu cya Siwede ku mugabane w'Uburayi."

Polisi y'u Rwanda ikaba igikora ipereereza ngo hamenyekane niba nta wundi muntu uyu Karambizi yaba yaratekeye umutwe, kuko byamaze kumenyekana ko atigeze akorera Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu, ndetse ko nta n'aho yigeze ayihagararira.

IP Kayigi yibukije abaturage ko hari uburyo buzwi serivisi nk'izi zitangwamo kandi zitagurishwa, akanabakangurira kwirinda abantu nk'aba baza babashuka babasaba kubaha amafaranga ngo babahe serivisi runaka.

Yasoje avuga ko abaturage bakwiye kwirinda kwiyitirira imirimo badakora n'ibindi byaha, kuko iki cyaha gihanishwa ibihano bikomeye nk'uko bigaragara mu ngingo ya 609 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda

Iyi ngingo ivuga ko umuntu wese uhimba cyangwa uhindura mu buryo ubwo ari bwo bwose inyandiko, ashyiraho umukono cyangwa igikumwe bitari byo, yonona inyandiko cyangwa imikono, asimbuza abantu abandi, ahimba amasezerano, imiterere y'ingingo zayo, igitegetswe gukorwa cyangwa icyarangije kwemeranywa, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atatu (300.000 Frw) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000 Frw).

Gusuzuma imodoka imwe ntibirenza iminota itanu, bityo abantu bakwiye kumenya ko isuzuma ryihuta kandi uhageze wese arabyibonera. Ababeshya ba nyir'imodoka ko bigoye baba bafite ibindi bagambiriye, ni na ho bahera bababwira ko hari amafaranga asabwa ngo boroherezwe."

Yakomeje agira ati: "Dukomeje dufata abiyita abakomisiyoneri babeshya ko bahuza ba nyir'imodoka n'abapolisi bakorera hano. Kuva uyu mwaka w'2016 utangiye, tumaze gufata 25 tubifashijwemo n'amakuru duhabwa n'abo bahemukira n'abandi baturage b'inyangamugayo."

Iki kigo gipima ubuziranenge bw'imodoka (MIC) gifite ubushobozi bwo gukora isuzuma ry'imodoka 500 ku munsi , rikorerwa ku mirongo itatu ihari kugeza ubu, ariko mu mpera za Nzeli uyu mwaka hazatahwa indi mirongo ibiri mishya, izatuma kibasha gusuzuma imodoka 700 ku munsi.

CSP Karinda yagize ati: "Mu mwaka w'2015, umubare w'imodoka twasuzumye wiyongereyeho 27% kuko zavuye ku 75,839 mu mwaka wawubanjirije zigera ku 96,283. Mu mezi abiri ya mbere y'umwaka w'2016 hasuzumwe imodoka zigera ku 17094, ku buryo twizera ko umwaka uzarangira dusuzumye imodoka zirenga iz'umwaka ushize cyane ko n'inyubako zo kwagura ikigo zizaba zararangiye."

Abafatiwe mu cyaha cy'ubwambuzi bushukana nibibahama bazahanwa n'ingingo ya 318 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ivuga ko umuntu wese, abigiriye kwambura ikintu icyo ari cyo cyose cy'undi, agatuma bakimuha ari uko akoresheje amayeri y'ubwambuzi, wiyitirira amazina atari yo cyangwa imirimo adafitiye ububasha cyangwa agira ngo yizeze icyiza cyangwa atinyishe ko hari ikizaba kibi maze akambura undi imari ye yose cyangwa igice cyayo, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshatu (3.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

> ***"Iyo uwampaye amafaranga agezeyo ntahabwe servisi nari namusezeranyije, ahita ampamagara nkanga kumwitaba. Ni muri ubwo buryo abantu bagenda babwirana ko twabatekeye umutwe."***

Itsinda ry'abapolisi bo muri Malawi basuye Polisi y'u Rwanda

Ku itariki 20 Kamena, itsinda ry'abapolisi bakuru bane bavuye mu gihugu cya Malawi basuye Polisi y'u Rwanda mu rwego rwo kuyigiraho ibintu binyuranye.

Iryo tsinda ryari riyobowe n'Umuyobozi mukuru wungirije ushinzwe ibikorwa muri Polisi ya Malawi, DIGP Jose Rodney, ryari rigizwe kandi n'umuyobozi w'ubugenzacyaha, abashinzwe ubushakashatsi na kominiti polisingi muri Polisi ya Malawi.

Ku ya 21 Kamena, bakiriwe n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda, Inspector General of Police (IGP) Emmanuel K. Gasana ku cyicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda ku Kacyiru aho baganiriye ku birebana n'urwego Polisi y'u Rwanda igezeho mu kurwanya ibyaha muri iyi myaka 16 imaze ishinzwe, ubufatanye bwayo mpuzamahanga, aho igeze yiyubaka n'ibindi.

DIGP Rodney yashimye umuhate Polisi y'u Rwanda yagize mu kwigisha abanyarwanda bakiva mu bihe bya Jenoside kugeza ubwo babaye bamwe mu baturage batekanye kuri iyi si.

Yagize ati: "Mboneyeho umwanya wo gushima Polisi y'u Rwanda ku kazi kanini yakoze mu gihe gito ihangana n'ibibazo by'umutekano maze ihindura u Rwanda intangarugero aho abanyarwanda n'abanyamahanga batewe ishema no kurubamo."

Yavuze ko iyi ari imwe mu mpamvu zatumye bahitamo u Rwanda nk'ahantu ho kugirira urugendoshuri ngo bavome ku bitekerezo n'ingamba z'akataraboneka mu by'umutekano.

Mu kiganiro yatanze nyuma gato y'inama n'Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda, umuyobozi wa Kominiti Polisingi muri Polisi y'u Rwanda, Assistant Commissioner of Police (ACP) Damas Gatare, yavuze ko Polisi y'u Rwanda yahanganye n'ibibazo bya nyuma ya Jenoside byasabaga kuvugurura urwego rw'umutekano.

ACP Gatare yavuze ko bimwe mu byo Polisi y'u Rwanda ishyize imbere harimo guhugura abakozi, gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya ibyaha, kurwanya ruswa, ubufatanye mpuzamahanga, guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ibindi.

Kuva yashingwa , Polisi y'u Rwanda yashyize imbaraga mu bufatanye n'abaturage mu gukumira no kurwanya ibyaha kuko yari imwe mu mirongo ngenderwaho yo kwimakaza ubufatanye, gukorera mu mucyo, kugira ngo ishobore guhangana n' ibyaha, aha ACP Gatare akaba yaragize ati: "Gukorana n'abaturage bakiva mu bihe bya Jenoside byari akazi gakomeye kasabaga ubwitange no gukora cyane kugira ngo tugere ku byagezweho ubu."

Yongeyeho agira ati: "Mu myaka 16 ishize, Polisi y'u Rwanda yavuyemo urwego rukomeye kandi rufite ibikoresho n'intumbero yo kuzagera ku byo rwateganyije kugeraho; inzira iracyari ndende ariko bizagerwaho cyane ko Leta ibishyigikiye ndetse n'abaturage bakaba barabigize ibyabo."

Yakomeje avuga ko abaturage bagize uruhare rugaragara mu myaka ishize yose biciye mu bukangurambaga bahawe no mu kugaragaza ibyaha n'abanyabyaha ndetse n'ikindi cyashoboraga guhungabanya ituze ryabo , bikaba byarabaye ingirakamaro.

Yavuze ko ubufatanye n'abaturage bifite uruhare rukomeye mu kubungabunga umutekano bagizemo uruhare, mu gukemura amakimbirane ndetse no gukumira ibyaha. Bimwe mu byo Polisi y'u Rwanda yagezeho mu myaka 16 ishize , harimo umubare w'abapolisi wikubye kane, ishyirwaho ry'ikigo gihugura abapolisi cy'icyitegererezo mu karere, amashuri ya Polisi, iterambere ry'uburinganire aho 20 ku ijana muri Polisi yose ari igitsinagore,n'ibindi.

Ibindi ni ishyirwaho rya za Isange One stop Centers zigeze ubu kuri 27, kuba yarinjiye mu miryango yo mu karere na mpuzamahanga nka Interpol, EAPCCO, IACP.

ACP Gatare yasoje agira ati: "Ubufatanye n'inzego zose , izigenga n'iza Leta , amatsinda yo kurwanya ibyaha, urubyiruko rw'abakorerabushake mu kurwanya ibyaha, komite za kominiti polisingi, ikoreshwa ry'itangazamakuru mu bukangurambaga bwo kurwanya ibyaha , kugira umunsi w'imurikabikorwa no gufatanya n'amahanga n'ibindi,.. byagize akamaro kanini mu guhindura u Rwanda igihugu gitekanye."

"Mu myaka 16 ishize, Polisi y'u Rwanda yavuyemo urwego rukomeye kandi rufite ibikoresho n'intumbero yo kuzagera ku byo rwateganyije kugeraho; inzira iracyari ndende ariko bizagerwaho cyane ko Leta ibishyigikiye ndetse n'abaturage bakaba barabigize ibyabo."

965 barangije amasomo y'ibanze ya gipolisi

Tariki ya 01 Kamena hasojwe amasomo y'icyiciro cya 12 cy'inyigisho z'ibanze z'umwuga wa gipolisi (Basic Police Course) ku Ishuri rya Polisi y'u Rwanda riri i Gishari mu karere ka Rwamagana, aharangije abagera kuri 965 barimo ab'igitsinagore 229.

Minisitiri w'Umutekano mu gihugu, Sheik Musa Fazil Harerimana wayoboye uwo muhango, ni we wahaye abarangije amahugurwa ku ipeti rya "Police Constable."

Umuhango wari witabiriwe kandi n'Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda, Inspector General of Police (IGP) Emmanuel K. Gasana, abamwungirije ari bo ushinzwe ibikorwa bya Polisi, DIGP Dan Munyuza n'ushinzwe ubuyobozi n'abakozi, DIGP Juvénal Marizamunda, bamwe mu bafatanyabikorwa ba Polisi, n'abandi.

Minisitiri Harerimana yibukije abapolisi bashya kuzarangwa n'indangagaciro z'ubunyangamugayo, gukunda igihugu no guhora baharanira kurinda ibyagezweho.

Yabashimiye kuba barahisemo kwinjira mu gipolisi ngo bafatanye n'abandi gucunga umutekano agira ati,"Ikaze muri Polisi y'u Rwanda kuko ari urwego rugendera ku ndangagaciro z'igihe kirambye."

Yagize kandi ati: "Uyu munsi turavuga gahunda ya Ndi umunyarwanda mu gihe tukibuka abavandimwe bacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hari abandi kandi batanze ubuzima bwabo baharanira icyiza, bahagarika Jenoside banabohora igihugu. Aka ni ko gaciro ka Ndi Umunyarwanda mukwiye guharanira ."

Yongeyeho agira ati: "Uyu mwuga mutangiye usaba ubunyangamugayo. Murasabwa gukurikiza no kubaha amategeko, muhesha isura nziza Polisi y'u Rwanda dore ko yamaze kwubaka izina haba mu gihugu no hanze yacyo."

Yarangije avuga ko abanyarwanda bafitiye icyizere inzego zishinzwe umutekano, bityo ko badakwiye gutuma icyo cyizere gitakara, ko ahubwo bagomba guharanira icyatuma cyiyongera.

Commissioner of Police (CP) John Bosco Kabera uyobora ishuri rya Gishari, yavuze ko abarangije amahugurwa bagaragaje imyitwarire myiza n' ubushake ariko ko hakiri byinshi bazakomeza kwigira mu kazi bagiye gutangira.

Aya mahugurwa yasojwe yibanze ahanini ku mikorere y'akazi ka gipolisi, ikoreshwa ry'imbunda, ubufatanye n'abaturage mu kurwanya ibyaha, imikoranire n'ubwuzuzanye n'izindi nzego, kubungabunga amahoro n'ibindi.

IGP Gasana, Mukaruliza, n'abandi bayobozi mu muhango wo gutangiza icyumweru cyahariwe ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda

Umuyobozi w'umujyi wa Kigali, Mukaruliza Monique yavuze ko kurengera umwana bidakwiye guharirwa Polisi y'u Rwanda gusa, ahubwo ko ari inshingano za buri wese, baba ababyeyi, abayobozi, ndetse n'abana ubwabo.

Ibi yabivuze ku itariki ya 12 Kamena, ubwo yatangizaga ku mugaragaro icyumweru cyahariwe ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda mu Mujyi wa Kigali, uwo muhango ukaba warabereye ku cyicaro cya Polisi y'u Rwanda mu Mujyi wa Kigali (Kigali Metropolitan Police Headquarters) kiri mu murenge wa Remera, ho mu karere ka Gasabo.

Gutangiza ku mugaragaro icyo cyumweru byabaye nyuma y'aho ku itariki ya 11 Kamena hatangijwe gahunda zo kwizihiza isabukuru y'imyaka 16 Polisi y'u Rwanda imaze ishinzwe, ibirori bijyanye n'uwo muhango bikaba byarabereye mu ntara zose z'igihugu.

Uyu muhango watangijwe no gusiga amarangi mu muhanda ahagenewe kwambukira abanyamaguru (Zebra Crossing), kikaba ari ikimenyetso cyo gukangurira abantu kubahiriza amategeko y'umuhanda, kikaba kandi ari kimwe mu bikorwa byaranze iki cyumweru.

Wanahuriranye kandi no gutangiza ku mugaragaro umurongo wa telefone itishyurwa wa Polisi y'u Rwanda wo gutangiraho amakuru y'ihohoterwa ryakorewe umwana, uwo murongo ukaba ari 116, ukaba ufite ubushobozi bwo kwitaba telefone 30 icya rimwe.

Mu ijambo yavugiye muri uwo muhango, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali wari n'umushyitsi mukuru yagize ati:"Abana ni imbaraga zikomeye z'iterambere ry'igihugu, iyo mu miryango harimo amakimbirane, abana ni bo babirenganiramo bikabagiraho ingaruka."

Yanagize ati: "Uyu munsi turizihiza ibimaze kugerwaho na Polisi y'u Rwanda mu myaka 16 imaze ishinzwe bituma abanyarwanda n'ibyabo bagira umutekano, ariko buri wese akwiye kumenya ko gukumira no kurwanya icyitwa icyaha cyose harimo no guhohotera umwana ari inshingano ze." Yanavuze ko abana bagomba kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose kandi bagahabwa uburenganzira bwabo burimo kwiga no kuvuzwa.

Yavuze kandi ko Leta y'u Rwanda ishishikajwe no kwita kuri ejo heza h'umwana, akaba ari yo mpamvu yashyizeho ingamba zirengera umwana harimo gushyiraho amashuri y'uburezi bw'ibanze (9YBE), gushyiraho Komisiyo y'umwana, inkongoro y'umwana, n'izindi.

Yasoje agira ati:"Mu myaka 16 ishize, Polisi y'u Rwanda yakoze ibishoboka byose ngo umwana yitabweho, harimo gushyiraho ikigo Isange One Stop Centre, kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko, ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'icuruzwa ry'abantu, gusubiza abana mu mashuri, natwe turasabwa guhuriza hamwe imbaraga, tukita ku bana, tukabarinda kujya mu mihanda, bagasubizwa mu mashuri, kandi tugashyiraho n'ingamba z'uko abayasubizwamo batongera kuyavamo."

Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP) Emmanuel K. Gasana, yakanguriye abari aho gukoresha

umurongo 116 washyiriweho gutabariza abana bahohoterwa, ndetse no kuri 3512 washyiriweho gutabariza ukorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Kugeza ubu Polisi y'u Rwanda yashyizeho imirongo 9 itishyurwa ari yo: 112 ikoreshwa n'ushaka ubutabazi bw'ibanze, ibirebana n'inkongi z'imiriro ni 111, impanuka zo mu muhanda ni 113, ishami rya Polisi rikorera mu mazi ni 110, Isange One Stop Centre ni 3029, kurwanya ruswa ni 997, naho uhohotewe n'umupolisi ahamagara 3511.

Yavuze ko ikoreshwa neza kandi ku gihe ry'iyi mirongo ya telefone bituma habaho guhanahana amakuru vuba, bigatuma ibyaha bikumirwa.

IGP Gasana yakomeje agira ati: "Ubu bukangurambaga bwo guharanira uburenganzira bw'umwana buri muri gahunda za Leta kandi buri no mu bukangurambaga bwa Nyakubahwa Madame wa Perezida wa Repubulika bwo 'gufata umwana wese nk'uwawe'."

Yanavuze ati: "Abana bahura n'ibibazo bitandukanye birimo gushorwa mu biyobyabwenge, gukoreshwa imirimo ivunanye, gukurwa mu mashuri, kuvanwa mu miryango no gutwara inda zitateganyijwe, ibi byose bigateza umutekano mucye."

IGP Gasana yasoje ubutumwa bwe agira ati: "Dufite abafatanyabikorwa benshi barimo urubyiruko rw'abakorera bushake mu gukumira no kurwanya ibyaha, komite z'abaturage zo kwicungira umutekano (Community Policing Committees-CPCs), amatsinda yo gukumira no kurwanya ibyaha mu mashuri, aba bose ni abadufasha ngo tugere ku iterambere rirambye kandi ryihuse. Nkaba nsaba abanyarwanda kubahiriza amategeko, bityo dukumire kandi turwanye ibyaha birimo guhohotera umwana."

Umuyobozi wa World Vision mu Rwanda George Gitau, yashimiye ubufatanye umuryango ayoboye ufitanye na Polisi y'u Rwanda n'igihugu muri rusange ngo uburenganzira bw'umwana bwubahirizwe.

Icyumweru cyahariwe ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda cyatewe inkunga na World Vision, umuyobozi w'uyu muryango akaba yijeje ko uzakomeza gukorana n'abana, imiryango yabo n'umuryango nyarwanda muri rusange ngo harwanywe ubukene, habeho n'ubutabera mu Rwanda. Uyu muryango kandi ni wo wateye inkunga mu ishyirwaho ry'uyu murongo 116 wo gutabariza umwana uhohotewe.

Iki cyumweru cyibanze ku bukangurambaga bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kurwanya icuruzwa ry'abantu, kurwanya ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge, kwirinda impanuka no kubungabunga umutekano wo mu muhanda, cyasojwe ku itariki ya 16 Kamena, ubwo hizihizwaga imyaka 16 Polisi y'u Rwanda imaze ishinzwe.

Polisi y'u Rwanda irakangurira urubyiruko kugira uruhare mu kurwanya ibyaha

Polisi y'u Rwanda ikomeje ibikorwa byo gukangurira abantu b'ingeri zose kwirinda ibyaha no kugira uruhare mu kubirwanya, urubyiruko rukaba ruza ku isonga mu bo igirana na bo ibiganiro.

Igirana ibiganiro n'urubyiruko rwize ndetse n'urutarize. Ururi mu ngando zitandukanye na rwo irusobanurira uruhare rwarwo mu kubumbatira umutekano.

Ni muri urwo rwego, ku itariki 18 Kamena,Umuyobozi w'Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe imikoranire yayo n'abaturage ndetse n'izindi nzego hagamijwe ubufatanye mu kwicungira umutekano (Community Policing), Assistant Commissioner of Police (ACP) Damas Gatare; hamwe n'Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Amajyepfo, ACP Francis Nkwaya bagiranye ibiganiro n'intore z'Inkomezamihigo 847 ziri mu ngando muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami rya Huye, bazikangurira kugira uruhare mu kurwanya ibyaha.

Mu ijambo rye, ACP Gatare yababwiye ati: "Abaturarwanda baratekanye ndetse n'ibyabo birarinzwe, ariko na none n'ubwo bimeze bityo, tugomba kurwanya ikintu cyose gishobora guhungabanya amahoro dufite uyu munsi, kandi urubyiruko rukwiye gufata iya mbere."

Yasabye urwo rubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge no kugira uruhare mu kurwanya ikoreshwa n'itundwa ryabyo, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, n'icuruzwa ry'abantu.

ACP Nkwaya yabwiye izo Nkomezamihigo

ati: "Mugize umubare munini w'abanyarwanda. Ibyo bivuze ko mushobora gukumira ibyaha aho muri hose no guhindura abafite imyumvire itari

Irakomeza ku rupapuro 24

Ihera ku rupapuro rwa 23

myiza bari mu muryango nyarwanda. Ni yo mpamvu Polisi y'u Rwanda ibaha ibiganiro nk'ibi kugira ngo mumenye uko mukangurira abandi kwirinda ibyaha."

Ubukangurambaga nk'ubu bwakozwe kandi mu karere ka Ngoma, aho kuri uwo munsi abanyeshuri bo mu bigo birindwi bagera ku 3000, abakora umwuga wo gutwara abagenzi kuri moto no ku magare, n'urubyiruko rw'abakorerabushake mu kwicungira umutekano bagiranye inama na Chief Superintendent of Police (CSP) Rose Muhisoni, akaba yarabaganirije ku ruhare rw'urubyiruko mu kubungabunga no gusigasira umutekano.

CSP Muhisoni yabasobanuriye umwana uwo ari we, uburenganzira bwe, ihohoterwa rimukorerwa, n'uruhare rw'urubyiruko mu kurirwanya.

Yababwiye ati: "Abana bo mu miryango irimo abantu banywa ibiyobyabwenge baba bafite ibyago by'uko na bo bashobora kubyishoramo. Umwana ubinywa nta

Polisi y'u Rwanda irakangurira urubyiruko kugira uruhare mu kurwanya ibyaha

hazaza heza ashobora kugira kubera ko bimwonona. Ubwo mumaze kumenya ububi bwabyo mubyirinde."

Hakozwe kandi urugendo rwo gukangurira abantu kwirinda ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore, no kwamagana icuruzwa ry'abantu, abarwitabiriye bakaba bararutangiriye mu mujyi w'akarere ka Ngoma barusoreza ku kibuga cy'umupira w'amaguru cya Semakamba.

Urwo rugendo rwitabiriwe na Polisi y'u Rwanda, abagore 26 bakora mu Ishuri Rikuru ry'ubumenyingiro mu Ntara y'Iburasirazuba (IPRC-East) bagize ihuriro 'Urumuri Women's Club', abo banyeshuri bo mu bigo birindwi, abo bakora umwuga wo gutwara abagenzi kuri moto n'amagare, n'urubyiruko rw'abakorerabushake mu kwicungira umutekano.

Umwe mu bagize Urumuri Women's Club, Jacqueline Mukarugamba yashimye Polisi y'u Rwanda kubera ibikorwa byayo byo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore, kandi asaba abagabo kugira uruhare mu bukangurambaga bwo gushyigikira uburinganire bw'umugabo n'umugore buzwi nka:"HeForShe" mu rurimi rw'Icyongereza.

Ubu bukangurambaga bwatangijwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bagore (UN Women), bukaba bugamije kwimakaza ihame ry'uburinganire, bukaba bugamije gukangurira abagabo n'abasore gushyigikira no gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire.

CP Munyambo yashimye abapolisi bari mu butumwa bw'amahoro kubera imyitwarire myiza

Umuyobozi w'abapolisi bari mu butumwa bw'amahoro mu gihugu cya Sudani y'Amajyepfo (UNMISS), Commissioner of Police (CP) Bruce Munyambo yashimye abapolisi bari muri ubwo butumwa bw'amahoro kubera imyitwarire myiza ibaranga mu kazi. Ibi CP Munyambo yabivuze ku wa 10 Kamena mu nama yagiranye n'abo bapolisi, abayobozi b'inzego z'ibanze bo mu gace ka Bor, ho mu mujyi wa Jonglei, n'abandi bafite inshingano zitandukanye. Aganira na bo, CP Munyambo yabashimiye umurava bagaragaza mu kugarura amahoro muri Sudani y'Amajyepfo, kandi abasaba gukomeza gukorana neza n'abaturage bashinzwe kubungabungira umutekano ndetse n'abandi bagenerwabikorwa.

Yabwiye abo bapolisi abereye umuyobozi ati: "Imyitwarire myiza ni ishingiro ryo gukora ibyo mushinzwe kinyamwuga. Mugomba gukora nk'itsinda rimwe kugira ngo mubashe gukora byinshi mu gihe gito."

CP Munyambo yashimye kandi abo bapolisi kubera umuhati wabo mu kugaragaza no gukemura ibibazo by'abaturage bataye ibyabo, ibi bakaba babikora bafatanyije n'ababahagarariye, abayobozi b'inzego z'ibanze, n'abagize amashyirahamwe y'abagore n'urubyiruko.

Ubu butumwa ni na bwo CP Munyambo yagejeje muri Gashyantare ku bapolisi ba UNMISS bakorera mu ntara za Malakal na Bentiu, akaba yarabasuye mu rwego rwo gusuzuma uko bashyira mu bikorwa inshingano zabo, uretse bo, yagiranye kandi inama n'abayobozi b'inzego z'ibanze

Ikamyo yafatiwemo ibiro 400 by'urumogi muri Rubavu

Ku itariki 7 Kamena, Polisi y'u Rwanda mu karere ka Rubavu yafashe ibiro 400 by'urumogi bitwawe mu modoka yo mu bwoko bwa Fuso ifite nomero ziyiranga RAB721W.

Iyo modoka yari itwawe na Nsababera Emmanuel,ufite imyaka 26 y'amavuko, akaba yari hamwe na boyi shoferi we Sebahizi Ferdinand, ufite imyaka 30 y'amavuko bonyine mu modoka.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu ntara y'Iburengerazuba Chief Inspector of Police (CIP) Theobald Kanamugire, yavuze ko aba bagabo bombi bafatiwe mu kagari ka Gisa, ho mu murenge wa Rugerero, ku muhanda Rubavu-Kigali ahagana saa sita zo ku manywa.

Asobanura uko rwafashwe, CIP Kanamugire yagize ati: "Iyo modoka rwarimo ikigera mu kagari ka Gisa, ho mu murenge wa Rugerero, Polisi y'u Rwanda muri aka karere yahise iyihagarika, irayisaka, maze iyisangamo urwo rumogi rwari mu mifuka 12."

Yavuze ko Nsababera na Sebahizi bafungiwe kuri sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ya Gisenyi, kandi ko urwo rumogi ndetse n'iyo modoka nabyo ariho mu gihe ipereireza rikomeje ngo hamenyekane aho rwavaga n'abari barugemuriwe.

Mu butumwa bwe, CIP Kanamugire yagize ati:" Hari abantu bacyishora mu bikorwa by'ubucuruzi butemewe hakaba n'ababibafashamo barimo abatwara ibinyabiziga. Harageze ko ibyo

Mu turere dutatu hangijwe litiro zirenga 4500 z'ibiyobyabwenge

Mu turere twa Huye, Gatsibo na Bugesera, ku itariki 18 Kamena habereye ibikorwa byo kwangiza ibiyobyabwenge byafatiwe mu bice byatwo mu bihe bitandukanye.

Ibiyobyabwenge byangijwe bigizwe na litiro 3340 za Muriture, litiro 1235 za Kanyanga, ibiro 17 by'urumogi, n'amakarito 138 ya Zebra Warage.

Mu kagari ka Sovu, ho mu murenge wa Huye, mu karere ka Huye, ni ho izi litiro 3340 za Muriture na litiro imwe ya Kanyanga byafatiwe, akaba ari na ho habereye igikorwa cyo kubyangiza. Byafatanywe abantu umunani ku itariki 18 Kamena, maze bihita byangizwa. Ababifatanywe bafungiwe kuri sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda ya Ngoma.

Ibiyobyabwenge byangijwe mu turere twa Gatsibo na Bugesera byafatiwe mu mikwabo yadukozwemo mu bihe bitandukanye mu mezi abiri ashize.

Muri Bugesera hangijwe litiro 1144 za Kanyanga n'ibiro birindwi by'urumogi, naho mu ka Gatsibo hangijwe litiro 90 za Kanyanga, ibiro 10 by'urumogi n'amakarito 138 ya Zebra Warage.

Mu karere ka Gatsibo, ibikorwa byo kwangiza ibiyobyabwenge byagafatiwemo byabereye mu mirenge ya Kabarore, Kiramuruzi, Ngarama, Rugarama, na Gatsibo, naho mu karere ka Bugesera cyabereye mu murenge wa Nyamata.

Ibikorwa byo kubyangiza muri utu turere dutatu byitabiriwe n'abaturage basaga 3000 batuye mu bice byabereyemo, bakaba barasabwe kubyirinda no kugira uruhare mu kurwanya ikoreshwa n'itundwa ryabyo.

Aganira n'abo mu murenge ka Kabarore, Umuyobozi w'akarere ka Gatsibo, Richard Gasana yababwiye ati: "Nta cyiza cy'ibiyobyabwenge. Abantu bamwe babyishoramo bibwira ko bagiye gukira; ariko aho kubakiza birabakenesha kuko iyo babifatanwe barafungwa; ndetse bagacibwa ihazabu, kandi na byo bikangizwa."

Yabwiye urubyiruko rwitabiriye icyo gikorwa ko ibiyobyabwenge bitera uwabinyoye kwishora mu ngeso mbi nk'ubusambanyi bukurikirwa rimwe na rimwe no kwandura zimwe mu ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina no gutwara inda zitateganyijwe.

Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda mu karere ka Huye, Superintendent of Police (SP) Jean Marie Vianney Karegeya yabwiye abatuye mu kagari ka Sovu ko ibiyobyabwenge bitera uwabinyoye gukora ibyaha birimo gufata ku ngufu, gusambanya abana, gukubita no gukomeretsa, n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Yakomeje ababwira ati: "Ndizera ko mujya mwirebera uko bigenza ababinyoye. Ubwo mumaze gusobanukirwa ububi bwabyo mubyirinde kandi mugire uruhare mu kubirwanya mutanga amakuru y'ababinywa, ababitunda, n'ababicuruza."

Yabasabye gucuruza no kunywa ibintu byemewe n'amategeko kandi bidafite ingaruka mbi ku buzima bwabo.

Ubu butumwa ni na bwo bwatanzwe n'ahandi ibyo bikorwa byo kwangiza ibiyobyabwenge byabereye.

Gufatwa kw'ibiyobyabwenge birimo ibyangijwe muri utu turere twombi biterwa n'imikoranire myiza ya Polisi y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo mu kurwanya ibyaha barimo inzego z'ibanze, ba Ambasaderi mu kurwanya ibyaha (Ambassadors in crime prevention) urubyiruko Nyarwanda rw'abakorerabushake mu kwicungira umutekano (Rwanda Youth Volunteers in Community Policing-RYVCP), abagize Komite zo kwicungira umutekano (Community Policing Committees-CPCs), abagize amahuriro yo kurwanya ibyaha (Anti-crime Clubs) barimo abanyeshuri, abatwara abagenzi kuri moto, ababatwara ku magare, n'abakaraningufu.

Na none mu rwego rwo kurwanya ibiyobyabwenge, Polisi y'u Rwanda yashyizeho agashami gashinzwe kubirwanya (Anti-narcotics Unit); kakaba mu byo gakora harimo ubukangurambaga bugamije kurwanya ikoreshwa n'itundwa ryabyo ryigisha abantu b'ingeri zose ubwoko byabyo, ububi bwabyo, no kubasaba kurangwa n'ubufatanye mu kubirwanya.

bikorwa bidasobanutse babivamo kuko amayeri yose bakoresha twayatahuye kubera ubufatanye bwiza dufitanye n'abaturage n'abandi bafatanyabikorwa bacu. Ntituzahwema rero gufata no gufunga abadashaka kuva ku izima."

CIP Kanamugire yasoje yongera kwibutsa abatwara ibinyabiziga gusuzuma neza imizigo y'abagenzi kuko igihe cyose bene ibyo biyobyabwenge cyangwa magendu bizajya bifatirwa mu modoka cyangwa kuri moto batwaye bazajya bafatwa nk'abafatanyacyaha.

Gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge biri mu byihutirwa Polisi y'u Rwanda yashyize imbere muri gahunda y'ubufatanye hagati yayo n'abaturage (Community Policing).

Impunzi zo mu nkambi ya Gihembe zakanguriwe kubahiriza uburenganzira bw'umwana

Impunzi 13,319 z'abaturage ba Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo ziri mu nkambi ya Gihembe, iri mu murenge wa Kageyo, ho mu karere ka Gicumbi zakanguriwe kubahiriza uburenganzira bw'umwana.

Ibi zabisabwe ku itariki 17 Kamena mu biganiro bahawe n'Umuyobozi w'akarere ka Gicumbi wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Benihirwe Charlotte, n'umuyobozi wungirije w'ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe ubugenzacyaha (Criminal Investigation Department-CID), Assistant Commissioner of Police (ACP) Morris Muligo.

Iki gikorwa cy'ubukangurambaga kiri mu byo Polisi y'u Rwanda yakoze ku munsi wa gatanu w'icyumweru cyahariwe ibikorwa byayo (Police Week) muri uyu mwaka.

Izi mpunzi zasobanuriwe umwana uwo ari we n'ihohoterwa rimukorerwa, maze basabwa kubahiriza uburenganzira bwe.

Mu butumwa bwe, Benihirwe yagize ati: "Kurera abana neza ni inshingano z'ababyeyi. Abana barezwe neza baba abenegihugu beza. Mubarinde ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kandi mutange amakuru y'abantu babangamira uburenganzira bwabo."

ACP Muligo yabasobanuriye ko umwana ari umuntu ufite munsi y'imyaka 18 y'amavuko, kandi agira ati:" Abakorana imibonano mpuzabitsina n'umuntu utagejeje kuri iyo myaka; kabone niyo yaba yabyumvikanye na we nk'uko bamwe babyitwaza; aba akoze icyaha."

Yabwiye kandi izo mpunzi ati: "Ababyeyi bamwe bahitamo kuvana abana babo mu ishuri kugira ngo babafashe imirimo imwe n'imwe. Hari bamwe bakuramo inda babitewe no gutwita batabiteganyije, abandi iyo bamaze kubyara bata abana. Ibi byose ni ukubavutsa uburenganzira bwabo."

Yakomeje ababwira ko abana bafite uburenganzira bwo kwiga, kwandikishwa mu bitabo by'irangamimerere igihe bavutse kandi bigakorwa ku gihe nk'uko biteganywa n'amategeko, kuvuzwa, kumenya ababyeyi be, kurindwa ivangurwa, kurindwa gushimutwa no gucuruzwa, kugaragaza igitekerezo, n'uburenganzira bwo kuruhuka no kwidagadura.

ACP Muligo yagize kandi ati:" Polisi y'u Rwanda ntihwema gukangurira abantu kubahiriza uburenganzira bw'umwana ariko haracyari ababubangamira. Ni yo mpamvu ikora ubukangurambaga nk'ubu haba mu cyumweru nk'iki cyahariwe ibikorwa byayo ndetse no mu bindi bihe."

Yabasobanuriye ko ihohoterwa rikorerwa abana nko kubakubita no kubakoresha imirimo ivunanye biri mu bibatera guhunga iwabo bakajya kwibera ku mihanda aho bakorera ibikorwa birimo kunywa ibiyobyabwenge, urugomo, n'ubujura .

Yabwiye ababyeyi bari aho ati:"Turinde abana bacu ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kandi tubahe uburere bwiza tubatoza kubaha, kwiga babishyizeho umutima, no kwirinda urugomo, n'indi myitwarire mibi, kandi muharanire umutekano mu ngo zacu."

Avuga ku icuruzwa ry'abantu, ACP Muligo yabwiye urubyiruko rwari aho kwima amatwi umuntu waza arwizeza ko ashobora kuruha akazi cyangwa kururihirira amahuri mu mahanga agira ati:" Bene uwo muntu aba agamije kujya kugucuruzayo. Nimumubona muzahite mubimenyesha Polisi y'u Rwanda."

Yabasabye kwirinda amakimbirane, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, n'ibiyobyabwenge, aha akaba yarababwiye ko bitera ababinyoye gukora ibyaha birimo gukubita no gukomeretsa, gufata ku ngufu, no gusambanya abana.

Yasoje abasaba guha Polisi y'u Rwanda amakuru y'ihohoterwa ryakorewe abana kuri nomero ya terefone itishyurwa 116.

"Turinde abana bacu ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kandi tubahe uburere bwiza tubatoza kubaha, kwiga babishyizeho umutima, no kwirinda urugomo, n'indi myitwarire mibi, kandi muharanire umutekano mu ngo zacu."

Amahugurwa afite ireme ni inkingi ya mwamba y'imikorere myiza y'urwego rw'umutekano - IGP Gasana

Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda (IGP) Emmanuel K Gasana yavuze ko U Rwanda rwizera ko amahugurwa afite ireme ari inkingi ya mwamba y'iterambere n'imikorere myiza y'inzego harimo urw'umutekano.

Ibi IGP Gasana yabivuze ku itariki 17 Kamena ubwo yasozaga amahugurwa y'iminsi icumi y'abapolisi baturuka mu bihugu bigize Umutwe wo gutabara aho rukomeye (East African Standby Force-EASF) yaberaga mu Ishuri rya Polisi y'u Rwanda riri i Gishari mu karere ka Rwamagana.

Ayo mahugurwa yitabiriwe n'abapolisi 54 barimo abaturuka mu bihugu bigize EASF n'abo mu gihugu cya Denmark.

Mu ijambo rye, IGP Gasana yashimye abayasoje kubera ko bakurikiye neza amasomo.

Yakomeje avuga ko amahugurwa ari ingenzi kubera ko yongerera ubumenyi abapolisi bwo kurwanya ibyaha by'inzaduka.

Yababwiye ati: "Ndahamya ndashidikanya ko ubumenyi mwungutse buzabafasha gusohoza inshingano zanyu neza. Mu Rwanda, dushyira imbaraga kandi duha agaciro amahugurwa afite ireme kubera ko ari cyo kintu cy'ingenzi ku mukozi."

Abitabiriye ayo mahugurwa bahawe kandi ubumenyi ku mirimo yo mu butumwa bw'amahoro , indangagaciro z'uyikora, n'inshingano za EASF.

IGP Gasana yagize ati:" Turasabwa kunoza ubufatanye binyuze mu guhanahana amakuru kugira ngo tubashe kurwanya ibyaha ndengamipaka birimo iterabwoba."

Mu gihe bigaga, abasoje ayo mahugurwa baturuka muri Comoros, Denmark, Ethiopia, Kenya, Uganda, Sudan n'Urwanda basobanuriwe akamaro k'amahugurwa nk'ayo yateguwe ku bufatanye bwa EASF na Germany International Cooperation (GIZ).

Umujyanama Mukuru muri EASF, Assistant Police Commissioner Pelle Redder wari uhagarariye Guverinoma ya Danmark muri uwo muhango wo gusoza ayo mahugurwa yagize ati: "Aya mahugurwa ni ikimenyetso cy'ubufatanye hagati ya Denmark n'ibihugu bigize EASF."

Umwe mu bayasoje, Superintendent Kim Refshammer yashimye Polisi y'u Rwanda avuga ko amahugurwa we na bagenzi be basoje yateguwe neza.

Yagize kandi ati: "Twigishijwe n'impuguke mu bijyanye n'ubutumwa bw'amahoro kandi twungutse byinshi muri uru rwego."

Amahugurwa nk'aya agamije guha ubumenyi abitegura kujya mu butumwa bw'amahoro ku mugabane wa Afurika ni yo ya mbere ateguwe n'Umuryango wa Afurika yunze ubumwe, akaba yarategurwaga n'Umuryango w'Abibumbye harimo ayabereye mu Rwanda.

Abafite ibirombe by'amabuye y'agaciro mu Ntara y'Iburasirazuba basabwe kubungabunga ibidukikije

Abafite ibirombe by'amabuye y'agaciro mu Ntara y'Iburasirazuba n'abashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ubucukuzi bwayo basabwe kutangiza ibidukikije igihe bakora iyo mirimo no kwita ku mutekano w'abayikora.

Ibi babisabwe n'umuyobozi w'agashami gashinzwe kurwanya iyangizwa ry'ibidukikije n'ibyaha bibikomokaho muri Polisi y'u Rwanda, Superintendent of Police (SP) Modeste Mbabazi.

Yabibasabiye mu kiganiro yagiranye na bo ku itariki 12 Kamena mu karere ka Rwamagana aho bahuguriwe mu gihe cy'iminsi itanu ku buryo barengera ibidukikije mu bikorwa byabo byo gucukura amabuye y'agaciro.

Ayo mahugurwa yateguwe na Minisiteri y'umutungo kamere; Polisi y'u Rwanda ikaba yaratumiwe kugira ngo ihugure abo ba nyiri ibirombe n'ababafasha muri iyo mirimo ku ruhare rwabo mu kurengera ibidukikije.

SP Mbabazi yabaganirije ku ruhare rwa Polisi y'u Rwanda mu kubungabunga ibidukikije, akamaro ko kubibungabunga, ingaruka zo kubyangiza, uruhare rwabo mu kubirengera, n'ibihano bihabwa umuntu ubyangije.

Yababwiye ko mu ngamba Polisi y'u Rwanda yafashe mu rwego rwo gufatanya n'izindi nzego kurengera ibidukikije harimo ishyirwaho ry'aka gashami gashinzwe kurwanya iyangizwa ry'ibidukikije n'ibyaha bibikomokaho, gukangurira abaturarwanda kutabyangiza, no gukora imikwabo yo gufata ababyangije.

Yakomeje abwira abo ba nyiri ibirombe n'ababafasha muri iyo mirimo ko mu bikorwa byayo byo kurengera ibidukikije Polisi y'u Rwanda ifatanya n'abafatanyabikorwa bayo barimo Minisiteri y'umutungo kamere, ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe kurengera ibidukikije.

Ingingo ya 414 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda ivuga ko ibidukikije ari urusobe rw'ibintu bigizwe n'ibidukikije kamere n'ibiva ku bikorwa bya muntu. Birimo imiti y'ubutabire, urusobe rw'ibinyabuzima ndetse n'ibikorwa by'ubukungu n'imibereho y'abantu, ibirebana n'umuco, ubwiza, ndetse n'ubumenyi bishobora kugira ingaruka ziziguye cyangwa zitaziguye z'ako kanya cyangwa zitinda, ku majyambere y'ahantu, ku binyabuzima no ku bikorwa by'umuntu.

SP Mbabazi yababwiye ati,"Ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro binyuranije n'amategeko byangiza ibidukikije, bigira ingaruka mbi ku buzima bw'abantu n'urusobe rw'ibinyabuzima, kandi bitera ibiza nk'inkangu, imyuzure, itemba ry'ubutaka, n'isuri."

Gikomero: Hatashywe sitasiyo ya Polisi yubatswe ku bufatanye n'abaturage

Ku wa 18 Kamena, hatashywe sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda mu murenge wa Gikomero , mu karere ka Gasabo ikaba yarubatswe ku bufatanye bw'ubuyobozi bw'umurenge wa Gikomero n'abaturage bawo.

Umuyobozi Mukuru wa Polisi wungirije ushinzwe ubutegetsi n'abakozi, DIGP Juvenal Marizamunda ari na we wari umushyitsi mukuru muri uwo muhango, mu ijambo yagejeje ku baturage bagera ku 2000 n'abandi bayobozi b'ibanze bari bahari, yavuze ko ibi ari ibyiza, kandi ko biva ku bufatanye bwiza bwa Polisi y'u Rwanda n'abaturage ndetse n'izindi nzego.

DIGP Marizamunda yagize ati: "Ibi byose rero ntibyizanye ahubwo ni ku bw'ubuyobozi bwiza bw'igihugu burangajwe imbere n'umukuru w'igihugu cyacu, Nyakubahwa Paul Kagame, mu murongo aduha wo kwishakamo ibisubizo, nta kabuza n'ibitari ibi bizagerwaho dufatanyije."

Yakomeje agira ati:"Mu izina rya Polisi y'u Rwanda kandi, turashima abaturage nk'abafatanyabikorwa bacu ba mbere kuri byinshi byagezweho dufatanyije, ni byo byabashishije Polisi y'u Rwanda kuba rumwe mu nzego zituma u Rwanda ruba mu bihugu bitekanye ku isi, ni ikintu twese dukwiye kwishimira."

Umuyobozi w'akarere ka Gasabo wungirije ushinzwe ubukungu, Raymond Chretien Mberabahizi mu ijambo rye, yashimye Polisi y'u Rwanda ku buryo yafashije aka karere mu rwego rwo guha abaturage umutekano no kubakangurira kugira uruhare mu kuwubungabunga.

Yagize ati: "Mu minsi mike ishize, aka karere kagizwe n'imirenge 15 kari gafite sitasiyo za Polisi eshatu zonyine kandi kangana na 58,2% by'umujyi wa Kigali; ibyaha byari byinshi, turashimira cyane ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda, kuko ubu ibyaha byagabanutse cyane."

Mberabahizi yagereranyije Polisi y'u Rwanda mu karere abereye umuyobozi nk'amaraso atembera mu mubiri kubera akamaro ibafitiye, aho yavuze ko ku italiki 3Kamena, akarere kemeje ko mu mpera z'umwaka wa 2017, buri murenge wa Gasabo uzaba ufite inyubako ya sitasiyo ya Polisi ifite n'amacumbi y'abapolisi arimo n'ibikoresho by'ibanze by'ubuzima bwa buri munsi harimo murandasi, n'ibindi.

Yaboneyeho kandi gusaba abaturage gukorana bya hafi na Polisi y'u Rwanda batayishisha kuko ari bo ibereyeho, aha akaba yaragize ati: "Aya mahirwe mufite yo kugira abapolisi hafi yanyu ntimuyapfushe ubusa, ntimukabagane ari uko mufite ibibazo gusa kuko ari n'abajyanama banyu."

Yarangije avuga ko ubushake bwo gufatanya buhari ku mpande zombi kandi ko bukwiye gukomeza kuko ibivamo bifitiye akamaro abaturage.

Sitasiyo yatashywe igizwe n'ibiro by'umuyobozi wayo, iby'umugenzacyaha, iby'uwakira ibibazo by'abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gutsina (Anti-GBV office), ibyumba bibiri byakira abafungwa b'ibitsina byombi, icyumba cy'ubuhuzabikorwa by'inzego z'umutekano zikorera mu murenge (Operation and control room), ari na ho hareberwa amashusho ava ku ngenzuramashusho(Control camera) enye ziri kuri iyo nyubako, ikaba kandi irimo ibikoresho by'ibanze birimo mudasobwa , intebe n'ameza n'ibindi,....byose bifite agaciro ka miliyoni 9,800 000 z'amafaranga y'u Rwanda.

Uyu muhango kandi witabiriwe n'umuyobozi w'inkeragutabara mu Mujyi wa Kigali , Brig.General R.Gacinya , umuyobozi w'ubugenzacyaha muri Polisi y'u Rwanda, Assistant Commissionner of Police(ACP) Theos Badege, umuyobozi wa Polisi mu Mujyi wa Kigali, ACP Felix Bahizi Rutagerura, n'abandi.

Mu minsi mike ishize, aka karere kagizwe n'imirenge 15 kari gafite sitasiyo za Polisi eshatu zonyine kandi kangana na 58,2% by'umujyi wa Kigali; ibyaha byari byinshi, turashimira cyane ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda, kuko ubu ibyaha byagabanutse cyane."

Polisi y'u Rwanda yizihije isabukuru y'imyaka 16 imaze ishinzwe

Abashyitsi batandukanye bo mu nzego za Leta, imiryango itegamiye kuri leta, abanyeshuri n'abandi bo mu nzego zinyuranye bifatanyije na Polisi y'u Rwanda ku itariki ya 16 Kamena kwizihiza isabukuru y'imyaka 16 Polisi y'u Rwanda imaze ishinzwe.

Ibirori byo kwizihiza iyi sabukuru byahuriranye no gusoza icyumweru cyarahariwe ibikorwa byayo, aho hatanzwe ibiganiro mu gihugu hose ku nsanganyamatsiko zitandukanye zihuriza ku bufatanye mu gukumira no kurwanya ibyaha no kurengera umwana by'umwihariko.

Ubwo yagezaga ijambo ku bitabiriye iyi sabukuru, Minisitiri w'Umutekano mu gihugu Sheikh Musa Fazil Harerimana, wari umushyitsi mukuru muri uyu muhango,yashimiye Polisi y'u Rwanda ibyo ikora byose mu kubungabunga umutekano w'abaturage n'ibyabo.

Yagaragaje akamaro kanini umutekano ufite mu iterambere ry'igihugu, aho yavuze ko ibyo u Rwanda rumaze kugeraho mu iterambere rinyuranye rubikesha abaturage barwo bakora uko bashoboye kugira ngo igihugu kigire umutekano usesuye.

Yagize ati:" Muri iki gihe dufite umutekano usesuye, kandi no mu bihe biri imbere ni ko bizaba bimeze kuko abaturage na bwo bazaba bafite umutekano uhagije. Kugera kuri ibi byose, ni ukubera ubufatanye bwa buri wese ndetse no guharanira uburenganzira bw'umwana. Muri iki gihe, turamagana uwo ari we wese ubangamira uburenganzira bw'umwana ubwo ari bwo bwose."

Minisitiri w'Umutekano mu gihugu yihanangirije kandi uwo ari we wese ubona uburenganzira bw'umwana butubahirizwa akicecekera ntabigeze ku nzego z'umutekano, avuga ko icyo ari icyaha gihanwa n'amategeko.

Yagize ati: "Ubwo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yasinyaga ku itegeko rishyiraho Polisi y'Igihugu hari muri ya minsi 100 n'ubundi twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 aho abana bakoreshejwe muri Jenoside, abandi bakicwa."

Yakomeje avuga ko ishyirwaho ry'uru rwego ndetse runahabwa inshingano zisobanutse mu kureba ko amategeko yubahirizwa, byerekana ko hashyizwemo ingufu kugira ngo habeho kurwanya Jenoside ntizongere kubaho ukundi.

Kwizihiza isabukuru ya Polisi y'u Rwanda byahuriranye no kwizihiza umunsi mukuru w'umwana w'umunyafurika, hibukwa uko abana b'abirabura i Soweto muri Afurika y'Epfo bishwe mu mwaka w'1976 kubera politiki y'ivanguramoko yari iriho muri icyo gihugu.

Yavuze ko Polisi y'u Rwanda itapfuye guhitamo iyi nsanganyamatsiko yo kurinda no kurengera umwana gusa ko ahubwo bihuje n'ayo mateka yose.

Minisitiri w'Umutekano mu gihugu yavuze ko mbere yo kwizihiza isabukuru y'imyaka 16 ya Polisi y'u Rwanda, habanje kubaho icyumweru cyahariwe ibikorwa byayo, insanganyamatsiko ikaba yari "Turengere umwana".

Yagize ati: "Mu bikorwa bigiye bitandukanye abana barahohoterwa. Tugomba gukora ibishoboka byose bigahagarara. Abana ni bo bayobozi b'ejo hazaza."

Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda IGP Emmanuel K. Gasana we yagarutse ku cyerekezo cy'u Rwanda, ndetse agaruka ku gukumira ibyaha ku buryo bujyanye n'igihe tugezemo, bikaba ari byo byatumye hatoranywa insanganyamatsiko y'uwo munsi mukuru. Insanganyamatsiko ikaba igira iti: "Imyaka 16 y'ubufatanye mu gukumira ibyaha."

IGP Gasana yagize ati: "Ibyo tumaze kugeraho ni umusaruro w'ubufatanye no kudushyigikira byaturutse ku bafatanyabikorwa n'inzego zinyuranye harimo Leta, inzego zigenga, ndetse n'abaturage."

Yakomeje avuga ko muri iyi myaka 16 Polisi y'u Rwanda imaze gutera intambwe ishimishije mu kubaka ubushobozi bw'abakozi no kugira ibikoresho bigezweho ndetse n'ibikorwa remezo.

Yagize ati: "Uku gutera imbere no kwiyubaka ku buryo bugaragara bituma dutanga n'umusanzu mu butumwa bw'amahoro mu bihugu bitandukanye nka Haiti, Sudani, Sudani y'Epfo, Liberia, Centrafrika na Cote d'Ivoire."

Mu bandi bafatanyabikorwa ba Polisi y'u Rwanda bitabiriye kwizihiza isabukuru yayo harimo ba ambasaderi ba Polisi y'u Rwanda mu gukumira ibyaha, bakaba bari bahagarariwe na Gasamagera Wellars.

Mu ijambo rye, Gasamagera yagize ati: "Ibikorwa bya Polisi y'u Rwanda mu gukorana n'abaturage byatumye ugukumira no kurwanya ibyaha bigerwaho ku buryo bushimishije."

Yagize kandi ati: "Muri iki gihe uburyo bukoreshwa mu gukumira no kurwanya ibyaha butandukanye cyane n'uko byari bimeze mu myaka 22 ishize kuko icyo gihe inzego z'umutekano zateraga ubwoba abaturage."

Gasamagera yakomeje avuga ko kuba Polisi y'u Rwanda yarahisemo abaturage nk'abafatanyabikorwa bayo bituma uburyo bwo guhanahana amakuru ku gukumira ibyaha bworoha kandi bukihuta ,ibi bigatanga umusanzu mu gukumira no kurwanya ibyaha.

Police Handball Club yegukanye igikombe cyo kwibuka ku nshuro ya kabiri

Ikipe y'umukino w'intoki ya Police y'u Rwanda (Police Handball Club) yegukanye igikombe cyo kwibuka abakunzi b'imikino by'umwihariko umukino wa Handball bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Umukino wari witabiriwe n'abakunzi b'uwo mukino cyane abafana b'ikipe ya Polisi batari bake, ibi byatumye ikipe ya Police Handball club ibasha kwitwara neza imbere ya Evergreen yo muri Uganda iyitsinda ibitego 32 kuri 20, umukino wabereye ku Kimisagara i Nyamirambo.

Mu makipe 10 yari muri iri rushanwa u Rwanda rwari ruhagarariwe n'amakipe 6 andi ane akaba yaraturutse mu bihugu bya Tanzaniya na Uganda.

Umukino utoreheye Police Handball nyuma yo gutsinda indi mikino itatu yabanje biyoroheye harimo nka Kaminuza y'u Rwanda ishami ry'uburezi batsinze 34-16, Kaminuza ya Makelele 35-19 ndetse na APR muri kimwe cya kabiri 40-27.

Usibye gutwara igikombe cyo kwibuka, abakinnyi ba Police Handball na bo begukanye ibihembo bitandukanye, nka Mukunzi Felix wabaye umukinnyi watsinze ibitego byinshi aho afite 37 naho kapiteni w'iyi kipe Mutuyimana Gilbert aba umukinnyi witwaye neza mu marushanwa muri rusange n'ibitego 27.

Nyuma y'umukino umutoza wa Police Handball, Assistant Inspector of Police (AIP) Antoine Ntabanganyimana yatangaje ko yishimiye imyitwarire y'abakinnyi be muri aya marushanwa.

Yagize ati: "Ndishimye cyane rwose, ndashima uburyo abakinnyi bitwaye muri rusange kuko berekanye ubushake n'ubushobozi. Ndashima kandi ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda kubera ko bwaduhaye buri kimwe cyose twari dukeneye ngo tubashe gutsinda. Abandi dushima ni abafana b'ikipe yacu batahwemye kudutera imbaraga badushyigikira mu marushanwa."

Iyi ibaye inshuro ya kabiri ikipe ya Police Handball yegukana iki gikombe cyahariwe kwibuka abakunzi b'imikino bazize genocide yakorerwe abatutsi mu 1994, dore ko no mu mwaka wa 2014 yasezereye APR ku mukino wa nyuma.

POLISI Y'U RWANDA IRAKANGURIRA ABANTU

KWIRINDA IBYAHA

GUTANGIRA AMAKURU KU GIHE

KANDI VUBA

TURN BACK CRIME

ubukangurambaga

"TUBURIZEMO IBYAHA"

Police Handball Club yegukanye igikombe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994